3° kwinjira mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko yasinze;	3° to enter the Parliament building while drunk;	3° entrer au palais du Parlement en état d'ivresse;
4° kwinjiza ibisindisha mu cyumba cy'inama;	4° to introduce alcoholic substances into meeting room;	4° introduire des substances alcoolisées dans la salle des séances;
5° kwiyandarika no kwitesha agaciro cyangwa kugatesha urwego arimo;	5° to exhibit unworthy and dishonourable behaviour for him/herself or his/her office;	5° afficher un comportement indigne et déshonorant pour sa personne ou pour sa fonction;
6° indi myitwarire n'imyifatire binyuranyije n'amategeko agenga imyitwarire n'imyifatire y'abayobozi.	6° any other conduct and discipline contrary to laws governing the leadership code of conduct.	6° toute autre conduite et discipline contraires aux lois régissant le code de conduite des autorités.

**Akicro ka 2: Ubudahangarwa bw'Abadepite**

**Subsection 2: Immunity of Deputies**

**Sous-section 2 : Immunité des députés**

**Ingingo ya 114: Ubudahangarwa bw'Umudepite**

**Article 114: Immunity of a Deputy**

**Article 114 : Immunité d'un député**

Umudepite ntashobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza azira ibitekerezo yagaragaje cyangwa uko yatoye mu gihe akora imirimo ashinzwe.

A Deputy cannot be prosecuted, searched for, arrested, detained or tried in respect of opinions expressed or votes cast in the discharge of his/her functions.

Un député ne peut pas faire l'objet de poursuites, de recherche, d'arrestation, de détention ou de jugement pour ses opinions ou votes émis dans l'exercice de ses fonctions.

Umudepite ukekwa icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ntashobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa bidatangiwe uburenganzira n'Umutwe w'Abadepite binyujijwe mu nzira y'amatora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama keretse afatiwe mu cyuho akora icyaha

A Deputy suspected of a felony or a misdemeanour cannot be prosecuted or arrested without prior authorization of the Chamber of Deputies by a two-thirds (2/3) majority vote of members present except where he/she is caught red-handed

Un député soupçonné d'avoir commis un crime ou un délit ne peut pas être poursuivi ou arrêté sans l'autorisation préalable de la Chambre des Députés procédant par voie de vote à la majorité des deux tiers (2/3) des membres présents sauf lorsqu'il est pris en en flagrant délit en train de commettre un

cy'ubugome cyangwa yarakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'Urukiko rubifitiye ububasha.

Umudepite wasabiwe gukurwaho ubudahangarwa kugira ngo akurikiranwe n'ubutabera, mbere y'uko Inteko Rusange imufataho icyemezo kirebana n'imyifatire, iyo abisabye, ahabwa umwanya wo kugira icyo avuga mbere y'amatora.

Urwandiko rusaba gukurikirana Umudepite rutegurwa n'Umushinjacyaha Mukuru akarugeza kuri Perezida w'Umutwe w'Abadepite.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite abishyikiriza Inteko Rusange ikurikira umunsi yabyakiriyeho, iyo ari mu gihembwe. Iyo atari mu gihembwe, hatumizwa igihembwe kidasanzwe.

### **Ingingo ya 115: Ikarita y'ubudahangarwa**

Umudepite ahabwa ikarita y'ubudahangarwa yerekwa inzego zitandukanye igihe bibaye ngombwa. Imiterere y'iyi karita igenwa n'Inama y'Abaperezida ikemezwa n'Inteko Rusange.

committing a felony or has been finally convicted by a competent court.

A Deputy in respect of whom the waiver of immunity is requested for in order for him/her to be prosecuted is given the opportunity to be heard if he/she so requests, before the Plenary Assembly imposes a disciplinary measure against him/her prior to voting.

The Prosecutor General prepares the letter requesting for authorisation to prosecute a Deputy and submits it to the Speaker of the Chamber of Deputies.

If such a request takes place during the period for the ordinary session, the Speaker of the Chamber of Deputies submits it to the Plenary Assembly in its first sitting after receipt of the request. If it takes place outside the period for ordinary session, an extraordinary session is convened.

### **Article 115: Immunity card**

A Deputy is issued an immunity card he/she shows to various organs, if necessary. The template of such a card is determined by the Conference of Chairpersons and approved by the Plenary Assembly.

crime ou en cas de condamnation définitive par une juridiction compétente.

Un député pour qui la levée d'immunité a été requise pour qu'il soit poursuivi en justice se voit accorder l'opportunité d'être entendu préalablement au vote s'il le demande, avant que l'Assemblée plénière ne prenne une mesure disciplinaire contre lui.

Le Procureur général prépare la lettre demandant l'autorisation de la poursuite judiciaire contre un député et la soumet au Président de la Chambre des Députés.

Si cette demande a lieu lors des périodes de la session ordinaire, le Président de la Chambre des Députés la soumet à l'Assemblée plénière dans sa première séance suivant la réception de la demande. Si c'est en dehors des périodes de la session ordinaire, il est convoqué une session extraordinaire.

### **Article 115 : Carte d'immunité**

Un député se voit délivrer une carte d'immunité qu'il exhibe, en cas de besoin, à divers organes. Le modèle de cette carte est déterminé par la Conférence des Présidents et approuvé par l'Assemblée plénière.

Iyo Umudepite ahagaritse umurimo w'ubudepite ku mpamvu izo ari zo zose, asubiza ikarita y'ubudahangarwa mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yahagarikiye imirimo.

**Ingingo ya 116: Urukiko ruburanisha Perezida w'Umutwe w'Abadepite**

Perezida w'Umutwe w'Abadepite aburanishwa mu manza z'inshinjabyaha ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma n'Urukiko rw'Ikirenga.

**Icyiciro cya 4: Ukutavogerwa kw'aho Umutwe w'Abadepite ukorera**

**Ingingo ya 117: Kwinjira mu myanya yagenewe Abadepite**

Kwinjira mu myanya yagenewe Abadepite mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange ku mpamvu iyo ariyo yose birabujijwe keretse abakozi b'Umutwe w'Abadepite bafasha Inteko Rusange y'uwo munsu cyangwa undi wese Perezida w'Umutwe w'Abadepite abihereye uruhushya.

**Ingingo ya 118: Kutavogerwa kw'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko**

Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko kimwe n'ibiyirimo byose birarindwa.

If, for any reason, a Deputy ceases to hold office as a Deputy, he/she returns the immunity card within five (5) working days of cessation of office.

**Article 116: Competent court to try the Speaker of the Chamber of Deputies**

In criminal matters, the Speaker of the Chamber of Deputies is tried in the first and last instance by the Supreme Court.

**Section 4: Inviolability of the place of work of the Chamber of Deputies**

**Article 117: Moving between seats reserved for Deputies**

Except for staff members of the Chamber of Deputies responsible for supporting the plenary sitting of the day or any other person authorized by the Speaker of the Chamber of Deputies, it is forbidden to move between seats reserved for Deputies for any reason during the proceedings of the Plenary Assembly.

**Article 118: Inviolability of the Parliament building**

The Parliament building and everything that is found therein are kept safe.

Lorsqu'un député cesse ses fonctions de député pour quelque raison que ce soit, il remet la carte d'immunité dans les cinq (5) jours ouvrables suivant la cessation de ses fonctions.

**Article 116 : Juridiction compétente pour juger le Président de la Chambre des Députés**

En matière pénale, le Président de la Chambre des Députés est jugé en premier et dernier ressort par la Cour Suprême.

**Section 4 : Inviolabilité du lieu de travail de la Chambre des Députés**

**Article 117 : Circulation entre les sièges réservés aux députés**

À l'exception de membres du personnel de la Chambre des Députés chargés d'appuyer la séance plénière du jour ou de toute autre personne autorisée par le Président de la Chambre des Députés, il est interdit de circuler entre les sièges réservés aux députés pour n'importe quelle raison au cours des travaux de l'Assemblée plénière.

**Article 118 : Inviolabilité du palais du Parlement**

Le palais du Parlement et tout ce qui s'y trouve sont sécurisés.

Umutekano w'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko ubungabungwa n'Umutwe wihariye utangwa na Polisi y'u Rwanda. Biro y'Umutwe w'Abadepite ikurikirana ko umutekano w'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko ubungabungwa.

Umuntu wese witwaje intwaro winjiye mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko ayisigira abashinzwe umutekano w'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko akayisubizwa asohotse.

Iyo hari abacunga umutekano bitwaje intwaro bashaka kwinjira mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, kandi batari ab'Inteko Ishinga Amategeko, intwaro zabo bazibitsa ahabigenewe; keretse abashinzwe umutekano wa Perezida wa Repubulika, cyangwa uw'abandi bashyitsi bo ku rwego rwe baba bagendereye Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko.

Abashinzwe umutekano w'Abadepite bemererwa kwinjira mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko bitwaje intwaro ntawe basabye uruhushya. icyakora, iyo bashaka kwinjira mu Cyumba cy'Inteko Rusange cyangwa mu nama za Komisiyo babisaba uyoboye inama.

Iyo abashinzwe umutekano bo hanze bakeneye gukurikirana umuntu uri mu Ngoro y'Inteko Ishinga

The security of the Parliament building is maintained by a special unit made available by Rwanda National Police. The Bureau of the Chamber of Deputies makes follow-up on the maintenance of the security of the Parliament building.

Any person in possession of an arm who enters the Parliament building leaves the arm to officers in charge of the security of the Parliament building and get it back on his/her exit.

When security officers in possession of arms who do not belong to the special unit of the Parliament wish to enter the Parliament building, they leave their arms in a place intended for that purpose except those in charge of the security of the President of the Republic or that of other similarly ranked senior dignitaries visiting the Parliament building.

Security officers in charge of the security of Deputies are allowed to enter the Parliament building with arms without prior authorization. However, when they wish to enter the Plenary Hall or rooms where Committee meetings are held, they ask for prior authorization from the person presiding over the sitting.

When security officers from outside the Parliament need to track down a person in the Parliament

La sécurité du palais du Parlement est assurée par une unité spécialisée mise à disposition par la Police nationale du Rwanda. Le Bureau de la Chambre des Députés fait le suivi du maintien de la sécurité du palais du Parlement.

Toute personne en possession d'une arme qui entre au palais du Parlement laisse son arme aux agents chargés de la sécurité du palais du Parlement et la récupère à sa sortie.

Lorsque les agents de sécurité en possession d'armes n'appartenant pas à l'unité spécialisée du Parlement désirent entrer au palais du Parlement, ils laissent leurs armes à un endroit réservé à cet effet, à l'exception des agents chargés de la sécurité du Président de la République ainsi que d'autres personnalités de rang similaire en visite au palais du Parlement.

Les agents de sécurité chargés de la sécurité des députés sont autorisés à entrer au palais du Parlement avec des armes sans autorisation préalable. Toutefois, lorsqu'ils désirent entrer dans la salle des séances plénières ou dans les salles de tenue des réunions des commissions, ils se font délivrer une autorisation préalable auprès du président de la séance.

Lorsque les agents de sécurité venant de l'extérieur du Parlement veulent poursuivre une personne se

Amategeko, babisaba Urwego rushinzwe kubungabunga Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko bikamenyeshwa Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

**Ingingo ya 119: Ikoreshwa ry'imiryango y'Icyumba cy'Inteko Rusange**

Mu gihe hari imihango yabereye mu Cyumba cy'Inteko Rusange, Abayobozi b'Igihugu bo mu rwego rw'Ikirenga n'Abashyitsi bari kuri urwo rwego bagenerwa umuryango wabo wihariye. Abaminisitiri, abari ku rwego rw'Abaminisitiri, Abasenateri n'Abadepite bagenerwa umuryango wabo wihariye.

Hagenwa kandi umuryango rusange unyurwamo n'abakozi b'Umutwe w'Abadepite n'abandi bose basigaye baje muri iyo mihango.

Mu gihe cy'Inama y'Inteko Rusange, abagize Biro z'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko, abagize Guverinoma n'abandi bari kuri urwo rwego bakoresha umuryango wagenewe Abayobozi b'Igihugu bo mu rwego rw'ikirenga. Abandi bubahiriza ibikurikizwa mu gihe cy'imihango yabereye mu cyumba cy'Inteko Rusange.

Abakozi b'Umutwe w'Abadepite bambara ikimenyetso kibaranga, mu gihe bari mu kazi. Abakozi b'Umutwe w'Abadepite bakorerera mu

building, they make a request for it to the organ in charge of the security of the Parliament building and the President and the Speaker of each chamber of Parliament are informed thereof.

**Article 119: Use of doors of the Plenary Hall**

During ceremonies taking place in the Plenary Hall, a door is provided for exclusive use by the highest-ranking national authorities and other similarly ranked visitors. Also, a door is provided for exclusive use by Ministers, other similarly ranked officials, Senators and Deputies.

Also, a public door is provided for use by staff members of the Chamber of Deputies and the general public turning out for such ceremonies.

During the plenary sittings, members of the Bureaus of the Chambers of Parliament, Cabinet members and other similarly ranked authorities use the door reserved for the highest-ranking national authorities. For others, the provisions applicable in case of official ceremonies held in the Plenary Hall apply.

Staff members of the Chamber of Deputies wear an identification badge while on duty. Staff members

trouvant au palais du Parlement, ils en font la demande auprès de l'organe chargé de la sécurité du palais du Parlement et le président de chaque Chambre du Parlement en est informé.

**Article 119 : Utilisation des portes de la salle des séances plénières**

Lors des cérémonies officielles tenues dans la salle des séances plénières, il est prévu une porte réservée uniquement aux plus hautes autorités nationales et autres visiteurs de rang similaire. Il est également prévu une porte réservée uniquement aux ministres, aux autres autorités de rang similaire, aux sénateurs et aux députés.

Il est en outre prévu une porte réservée aux membres du personnel de la Chambre des Députés et au grand public venu assister à ces cérémonies.

Lors de séances plénières, les membres des Bureaux des Chambres du Parlement, les membres du Gouvernement et d'autres autorités de rang similaire se servent de la porte réservée aux plus hautes autorités nationales. Pour d'autres, les dispositions applicables lors des cérémonies officielles tenues dans la salle des séances plénières restent en vigueur.

Les membres du personnel de la Chambre des Députés portent un badge d'identification lorsqu'ils sont en service. Les membres du personnel de la

Cyumba cy'Inteko Rusange bambara ikimenyetso cyihariye kibaranga.

**Ingingo ya 120: Imyifatire y'abari mu Cyumba cy'Inteko Rusange igihe bari mu mirimo y'Inteko Rusange**

Birabujijwe ku muntu uwo ari we wese kwinjirana mu Cyumba cy'Inteko Rusange, telefoni igendanwa cyangwa ikindi gikoreshe cy'ikoranabuhanga kiri mu buryo busohora ijwi no kwinjirana icyo ari cyo cyose gishobora guhungabanya imigendekere myiza y'imirimo y'Inteko Rusange.

Mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange, abantu bose baricara, bagatuzwa. Nta wemerewe kwambara ingofero, uretse ababihereye uburenganzira kubera akazi bakora cyangwa idini bakomokamo.

**Ingingo ya 121: Kwirukana umuntu utari Umudepite ubuza ituze**

Umuntu wese utari Umudepite ubuza ituze mu Nteko Rusange cyangwa mu nama za Komisiyo ahita yirukanwa ku cyemezo cy'uyiyoboye, utanga amabwiriza ya ngombwa ku babishinzwe.

Umuntu wirukanywe, ashyikirizwa inzego zibifitiye ububasha.

of the Chamber of Deputies serving in the Plenary Hall wear special identification badges.

**Article 120: Conduct of persons inside the Plenary Hall during the proceedings of the Plenary Assembly**

It is prohibited for any person to enter the Plenary Hall with a mobile phone or any other electronic device put on ring mode or anything else likely to disrupt the smooth running of the proceedings of the Plenary Assembly.

During the proceedings of the Plenary Assembly, all persons get seated and remain calm. No one is allowed to wear a hat unless otherwise exempted for professional and religious belonging reasons.

**Article 121: Expulsion of a person other than a Deputy who disrupts order**

Any person other than a Deputy who disrupts order in the plenary sitting or Committee meetings is immediately expelled by decision of the person presiding over the sitting who gives relevant instructions to the officers in charge.

The expelled person is handed over to competent authorities.

Chambre des Députés en service dans la salle des séances plénières portent des badges d'identification particuliers.

**Article 120: Conduite des personnes se trouvant dans la salle des séances plénière lors des travaux de l'Assemblée plénière**

Il est interdit à toute personne d'entrer dans la salle des séances plénières avec un téléphone portable ou tout autre appareil électronique réglé en mode sonnerie ou toute autre chose susceptible de perturber le bon déroulement des travaux de l'Assemblée plénière.

Lors des travaux de l'Assemblée plénière, toutes les personnes sont assises et restent calmes. Personne n'est autorisé à porter un chapeau sauf dérogation liée à la profession ou à l'appartenance religieuse.

**Article 121: Expulsion d'une personne autre qu'un député qui trouble l'ordre**

Toute personne autre qu'un député qui trouble l'ordre en séance plénière ou dans des réunions des commissions est immédiatement expulsée par décision du président de la séance qui donne les ordres nécessaires aux agents concernés.

La personne expulsée est déférée à l'autorité compétente.

**Ingingo ya 122: Itangazwa ry'ingingo zirebana n'ukutavogerwa kw'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko**

Ibikubiye mu ngingo z'iri tegeko nenga birebana n'ukutavogerwa kw'aho Umutwe w'Abadepite ukorera bitangazwa ku miryango yinjira mu Ngoro y'Umutwe w'Abadepite no ku miryango y'Icyumba cy'Inteko Rusange cy'Umutwe w'Abadepite.

**UMUTWE WA V: IMIRIMO ITABANGIKANYWA N'UW'UBUDEPITE**

**Ingingo ya 123: Imirimo itabangikanywa n'uw'Ubudepite**

Imirimo itabangikanywa n'uw'Ubudepite ni'iyokuba:

- 1° Perezida wa Repubulika;
- 2° umwe mu bagize Guverinoma;
- 3° Umusenateri;
- 4° umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, Inama Njyanama y'Akagari cyangwa, umwe mu bagize Inama Njyanama y'Umurenge, iy'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali;

**Article 122: Posting of provisions relating to the inviolability of the Parliament building**

The provisions of this Organic Law relating to the inviolability of the place of work of the Chamber of Deputies are posted at the gates of the building of the Chamber of Deputies and on the doors of the Plenary Hall of the Chamber of Deputies.

**CHAPTER V: OFFICES INCOMPATIBLE WITH THE OFFICE OF DEPUTY**

**Article 123: Offices incompatible with the office of Deputy**

Offices incompatible with the office of Deputy are those of being:

- 1° the President of the Republic;
- 2° a Cabinet member;
- 3° a Senator;
- 4° a member of the village executive committee, the cell council or, a member of the Sector, District or Kigali City Council;

**Article 122: Affichage des dispositions relatives à l'inviolabilité du palais du Parlement**

Les dispositions de la présente loi organique relatives à l'inviolabilité du lieu de travail de la Chambre des Députés sont affichées aux portails du palais de la Chambre des Députés et aux portes de la salle des séances plénières de la Chambre des Députés.

**CHAPITRE V: FONCTIONS INCOMPATIBLES AVEC LA FONCTION DE DÉPUTÉ**

**Article 123: Fonctions incompatibles avec la fonction de député**

Les fonctions incompatibles avec la fonction de député sont celles:

- 1° de Président de la République ;
- 2° de membre du Gouvernement ;
- 3° de sénateur ;
- 4° de membre du Comité Exécutif du village, du Conseil de Cellule ou membre du Conseil de Secteur, de District ou de la Ville de Kigali ;

5° Guverineri w'Intara;	5° a Governor of the Province;	5° de Gouverneur de Province ;
6° umukozi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione;	6° a staff member of administrative decentralized entities;	6° d'agent dans les entités administratives décentralisés ;
7° umucamanza;	7° a Judge;	7° de magistrat ;
8° umushinjacyaha;	8° a Prosecutor;	8° d'Officier de poursuite judiciaire ;
9° umwe mu bagize Komisiyo zihoraho n'inzego zihariye ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa izindi zashyirwaho n'amategeko;	9° a member of one of the permanent commissions or specific organs provided for by the Constitution or other organs that may be set up by law;	9° de membre d'une des commissions permanentes ou d'un des organes particuliers prévus par la Constitution ou d'autres organes qui peuvent être mis en place par la loi ;
10° umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi mu kigo cya Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane, cyangwa umugenzuzi w'imari w'icyo kigo;	10° a member of the board of directors in a public institution or an institution in which the State is a shareholder or an auditor of such an institution;	10° de membre du Conseil d'administration d'un établissement public ou celui dans lequel l'État est actionnaire ou de commissaire aux comptes d'un tel établissement ;
11° umuyobozi w'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yacyo;	11° a director of a company or one of the members of its board of directors;	11° de directeur ou de membre du Conseil d'administration d'une entreprise commerciale ;
12° umukozi wa Leta cyangwa umukozi wo mu kigo cya Leta;	12° a civil servant or an employee in a public institution;	12° d'agent de l'État ou d'un établissement public ;
13° umukozi ugengwa n'amasezerano y'umurimo;	13° a contractual employee;	13° d'agent sous-contrat ;
14° umwe mu bagize inzego zishinzwe amatora;	14° a member of electoral organs;	14° de membre des organes en charge des élections;
15° mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda, mu rwego rw'Igihugu rushinzwe iperereza	15° a member of Rwanda Defence Force, Rwanda National Police, the National Intelligence and	15° de membre des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale du Rwanda ou



n'umutekano, mu rwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa cyangwa Urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano;	Security Service, the Rwanda Correctional Service or the District Administration Security Support Organ;	du Service National de Renseignements et de Sécurité, du Service Correctionnel du Rwanda ou de l'organe d'appui à l'administration du District pour le maintien de la sécurité ;
16° mu nzego z'ubuyobozi bw'amashyirahamwe, imiryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiyeye ku idini, uretse imiryango ishingwa n'Abadepite igamije kubafasha kurangiza neza inshingano zabo;	16° a member of the leadership of associations, national non-governmental organizations as well as faith-based organisations, except those founded by Deputies designed to help them deliver on their mission;	16° de membre de l'administration des associations et des organisations nationales non-gouvernementales ainsi que des organisations religieuses à l'exception de celles fondées par les députés dans le but de leur faciliter l'accomplissement de leur mission ;
17° kuba mu rugaga rw'abahesha b'inkiko b'umwuga cyangwa kuba mu bakora umurimo w'ubunoteri.	17° a member of the Professional Bailiffs Association or a notary.	17° de membre du Corps des huissiers de justice professionnels ou de notaire.
Umudepite ukora umwuga wa Avoka ntashobora kuburana ubwe imanza izo ari zo zose. Ibiro bye byemerewe kuburana imanza uretse izo Leta iregamo cyangwa iregwamo.	A Deputy practising as a lawyer is not allowed to personally plead any court case. His/her law firm is allowed to plead in court any cases except those in which the State is the plaintiff or the defendant.	Un député exerçant la profession d'avocat ne peut pas plaider lui-même les affaires judiciaires quelconques. Son cabinet est autorisé à plaider toutes les affaires judiciaires à l'exception de celles dans lesquelles l'État est demandeur ou défendeur.
<b><u>Ingingo ya 124:</u> Gutorerwa ubudepite no kwegura ku mirimo ya mbere yo gutorwa</b>	<b><u>Article 124:</u> Election to the office of Deputy and resignation from previous office</b>	<b><u>Article 124 :</u> Élection aux fonctions de député et démission des fonctions antérieures</b>
Uretse abantu bavugwa mu duce twa 7°, 8° na 15° tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 123 y'iri tegeko ngenga, indi mirimo itabangikanywa n'iy'ubudepite ivugwa muri iyo ngingo ntibuza uyikora gutorwa. icyakora, akimara kurahira, uwo Mudepite ahita yegura ku mirimo yakoraga	With the exception of the persons provided under items 7°, 8° and 15° of Paragraph One of Article 123 of this Organic Law, other offices incompatible with that of Deputy provided under that Article do not prevent the person holding them from being elected. However, such a Deputy resigns from his/her previous office immediately after taking	Excepté les personnes visées aux points 7°, 8° et 15° de l'alinéa premier de l'article 123 de la présente loi organique, les autres fonctions incompatibles avec celles de député visées à cette article n'empêchent pas la personne qui les exerce d'être élue. Toutefois, ce député démissionne de ses fonctions antérieures immédiatement après la prestation de serment et le

bikamenyeshwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite n'Umuvunyi Mukuru.

**UMUTWE WA VI: UBURYO BWO KWEMEZA IMISHINGA Y'AMATEGEKO**

**Icyiciro cya mbere:** Gushyikiriza Umutwe w'Abadepite imishinga y'amategeko no kwemeza ishingiro ryayo

**Ingingo ya 125:** Uburyo Inteko Rusange imenyeshwa umushinga w'itegeko washyikirijwe Umutwe w'Abadepite

Imishinga y'amategeko ishyikirizwa Umutwe w'Abadepite, kimwe n'isobanurampamvu ryayo, bigomba kuba byanditswe mu ndimi eshatu (3) zemewe n'itegeko Nshinga harimo n'Ikinyarwanda.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ashyaikiriza Abadepite iyo mishinga y'amategeko mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ayishyikirijwe.

**Ingingo ya 126:** Itangizwa ry'umushinga w'itegeko rikozwe n'Umudepite

Buri Mudepite afite uburenganzira bwo gutangiza umushinga w'itegeko no kurivugurura.

oath with the Speaker and the Ombudsman being informed thereof.

**CHAPTER VI: PROCEDURES FOR THE ADOPTION OF DRAFT LAWS AND PRIVATE MEMBER'S BILLS**

**Section One:** Submission of draft laws or private member's bills to the Chamber of Deputies and approval of their merits

**Article 125:** Procedures for informing the Plenary Assembly of a draft law or private member's bill submitted to the Chamber of Deputies

Draft laws or private member's bills submitted to the Chamber of Deputies along with their explanatory notes must be drafted in the three (3) official languages recognized by the Constitution including Ikinyarwanda.

The Speaker of the Chamber of Deputies submits such draft laws or private member's bills to Deputies within seven (7) days of receipt thereof.

**Article 126:** Initiating a private member's bill

Any Deputy has the right to initiate a bill and initiate amendments to such a law.

Président de la Chambre des Députés et l'Ombudsman en sont informés.

**CHAPITRE VI: PROCÉDURES D'ADOPTION DES PROJETS OU PROPOSITIONS DE LOI**

**Section première :** Transmission des projets et propositions de loi à la Chambre des Députés et approbation de leur opportunité

**Article 125 :** Procédures d'informer l'Assemblée plénière d'un projet ou proposition de loi transmis à la Chambre des Députés

Les projets ou propositions de loi transmis à la Chambre des Députés ainsi que leurs exposés des motifs doivent être rédigés en trois (3) langues officielles reconnues par la Constitution y compris l'Ikinyarwanda.

Le Président de la Chambre des Députés transmet ces projets ou propositions de loi aux députés dans les sept (7) jours suivant leur réception.

**Article 126 :** Initiation d'une proposition de loi

Tout député a le droit d'initier une proposition de loi et d'initier des amendements à cette même loi.

**Ingingo ya 127: Uko umushinga w'itegeko utangijwe n'Abadepite ushyikirizwa Abadepite**

Buri mushinga w'itegeko utangijwe n'Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite wohererezwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite wanditswe nibura muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite awushyikiriza Abadepite bose wanditse nibura mu ndimi eshatu (3) zemewe mu butegetsi harimo Ikinyarwanda.

Buri gihe umushinga w'itegeko ugomba kuba wanditswe mu buryo imishinga y'amategeko yandikwamo.

Umutwe w'Abadepite utera inkunga yo mu rwego rwa tekini Umudepite watangije umushinga w'itegeko kimwe n'uw'ubugororangingo.

**Ingingo ya 128: Uburyo Umutwe w'Abadepite ushyikirizwa umushinga w'itegeko ngenga rigenga imikorere ya Sena**

Umushinga w'itegeko ngenga rigenga imikorere ya Sena utangizwa na Sena ushyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite hamwe n'isobanurampamvu ryawo byombi byanditse mu ndimi eshatu (3) zemewe mu butegetsi harimo Ikinyarwanda.

**Article 127: Procedure for the submission of a private member's bill to Deputies**

Every private member's bill initiated by a Deputy or a group of Deputies is submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies while drafted in at least in one of the official languages.

The Speaker of the Chamber of Deputies submits it to all the Deputies while drafted in the three (3) official languages including Ikinyarwanda.

Each private member's bill must always be drafted in compliance with the standard format followed in drafting draft laws.

The Chamber of Deputies provides technical assistance to any Deputy who initiates a bill as well as a bill proposing amendments.

**Article 128: Procedure for the submission to the Chamber of Deputies of the organic private member's bill determining the functioning of the Senate**

The private member's bill determining the functioning of the Senate is initiated by the Senate and submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies along with its explanatory note, both of which are drafted in three (3) official languages including Ikinyarwanda.

**Article 127 : Procédure de transmission d'une proposition de loi aux députés**

Toute proposition de loi initiée par un député ou un groupe de députés est transmis au Président de la Chambre des Députés étant rédigée dans au moins l'une des langues officielles.

Le Président de la Chambre des Députés la transmet à tous les députés étant rédigée dans les trois (3) langues officielles y compris l'Ikinyarwanda.

La proposition de loi doit toujours être rédigée suivant le format standard suivi dans la rédaction des projets de lois.

La Chambre des Députés accorde l'assistance technique à tout député qui initie une proposition de loi et celle proposant des amendements.

**Article 128 : Procédure de transmission de la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat à la Chambre des Députés**

La proposition de loi portant fonctionnement du Sénat est initiée par le Sénat et transmis au Président de la Chambre des Députés accompagnée de son exposé des motifs, les deux étant rédigés en trois (3) langues officielles y compris l'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 129: Gusuzuma ishingiro ry'imishinga y'amategeko**

Umushinga w'itegeko ugiye kwemerezwa ishingiro ushyikirizwa Abadepite uri nibura mu ndimi eshatu (3) zemewe mu butegetsi harimo Ikinyarwanda, ukanashyirwa ku murongo wa Interineti w'Umutwe w'Abadepite, hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere yo kujya impaka zo kwemeza ishingiro ryawo.

Icyakora iyo hari impamvu zihutirwa kandi zumvikana iyo minsi ntiyubahirizwa.

Uwatangije umushinga w'itegeko cyangwa uwuhagarariye, atanga ibisobanuro bya ngombwa agaragariza Inteko Rusange uburyo umushinga w'itegeko asabira ishingiro uzashyira mu bikorwa politiki iriho.

**Iciviro cya 2: Kwiga imishinga y'amategeko muri Komisiyo**

**Ingingo ya 130: Gushyikiriza Komisiyo ihoraho umushinga w'itegeko**

Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ashyikiriza mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano zayo umushinga w'itegeko wavuye muri Guverinoma cyangwa watanzwe n'Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite, iyo

**Article 129: Consideration of the merits of draft laws or private member's bills**

A draft law or private member's bill, the merits of which is to be approved, is submitted to Deputies while drafted in at least in three (3) official languages including Ikinyarwanda and posted on the website of the Chamber of Deputies at least seven (7) days before the holding of debates aimed at approving its merits.

However, that time limit does not apply in case of reasonable grounds of urgency.

The initiator or the person defending a draft law or private member's bill provides key explanations showing the Plenary Assembly how the draft law or private member's bill, the merits of which he/she is seeking approbation will help implement existing policy.

**Section 2: Consideration of draft laws or private member's bills in Committee**

**Article 130: Submission of a draft law or a private member's bill to the Standing Committee**

The Speaker of the Chamber of Deputies submits to the relevant Standing Committee a draft law or a bill initiated by a Deputy or a group of Deputies within five (5) days of the closing of debates on its merits in the plenary sitting. However, if deemed

**Article 129 : Examen de l'opportunité des projets ou propositions de loi**

Le projet ou proposition de loi dont l'opportunité doit être examinée est transmis aux députés étant rédigés dans au moins trois (3) langues officielles dont l'Ikinyarwanda et publié sur le site web de la Chambre des Députés sept (7) jours au moins avant la tenue des débats liés à l'approbation de son opportunité.

Toutefois, ce délai n'est pas observé en cas de survenance des motifs d'urgence valables.

L'initiateur ou la personne défendant un projet ou proposition de loi donne des explications essentielles démontrant à l'Assemblée plénière comment le projet ou proposition de loi pour lesquels il demande l'approbation d'opportunité permettra de mettre en œuvre la politique existante.

**Section 2 : Examen des projets ou propositions de loi en commission**

**Article 130 : Transmission d'un projet ou d'une proposition de loi à la commission permanente**

Le Président de la Chambre des Députés transmet à la commission permanente compétente un projet ou une proposition de loi initiés par un député ou un groupe de députés dans les cinq (5) jours suivant la clôture des débats sur son opportunité en séance

ishingiro ryawo ryamaze kugibwaho impaka mu Nteko Rusange. icyakora, iyo bibaye ngombwa, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashobora koherereza umushinga w'itegeko indi Komisiyo keretse iriri mu bubasha bw'Inama y'Abaperezida.

Umushinga w'itegeko watangijwe n'itsinda ry'Abadepite bari muri Komisiyo imwe ntushobora gusuzumwa n'iyi Komisiyo.

Iryo tsinda ryohereza Umudepite muri Komisiyo yawushyikirijwe kugira ngo atange ibisobanuro bya ngombwa ku mpamvu zawo.

Raporo y'impaka rusange mu kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko iherekeje uwo mushinga bishyikirizwa Komisiyo ibishinzwe ngo iwunononsore.

**Ingingo ya 131: Gushyikiriza Komisiyo ihoraho ubugororangingo**

Umudepite ufite ubugororangingo ku mushinga w'itegeko abushyikiriza Perezida wa Komisiyo bireba mu nyandiko akagera kopi Abadepite bese kugira ngo bashobore gukora ubugororangingo bw'ingoboka igihe bibaye ngombwa. Ubwo bugororangingo bwakorewe ubundi bugororangingo bushyikirizwa Perezida wa Komisiyo mu nyandiko.

necessary, the Speaker of the Chamber of Deputies may refer such a draft law or private member's bill to another Standing Committee unless it falls within the competence of the Conference of Chairpersons.

A private member's bill initiated by a group of Deputies who are members of the same Committee cannot be considered by that same Committee.

Such a group sends a Deputy to the Committee to which the bill is referred for him/her to provide substantive explanations as to its suitability.

The report on general debates held during the approval of the merits of the draft law or private member's bill accompanied by the text of such a draft law or private member's bill are submitted to the relevant Committee for improvement thereof.

**Article 131: Submission of amendments to the Standing Committee**

A Deputy having amendments to propose with respect to a draft law or private member's bill submits them in writing to the chairperson of the Committee concerned and sends a copy thereof to all Deputies to enable them to make sub-amendments, if necessary. Such sub-amendments are submitted in writing to the chairperson of the Committee.

plénière. Toutefois, si cela est jugé nécessaire, le Président de la Chambre des Députés peut renvoyer ce projet ou cette proposition de loi à une autre commission à moins qu'ils ne relèvent de la compétence de la Conférence des présidents.

Une proposition de loi initiée par un groupe de députés qui sont membres d'une même commission ne peut être examinée par cette dernière.

Ce groupe délègue un député dans la commission à laquelle la proposition de loi a été renvoyée pour donner des explications essentielles sur son bien-fondé.

Le rapport sur les débats généraux tenus lors de l'approbation de l'opportunité du projet ou de la proposition de loi accompagné d'un texte de ce projet ou de cette proposition sont soumis à la commission compétente pour amélioration.

**Article 131: Transmission des amendements à la commission permanente**

Un député ayant des amendements à proposer sur un projet ou une proposition de loi les adresse par écrit au président de la commission concernée en réservant une copie à tous les députés pour que ces derniers puissent, le cas échéant, faire des sous-amendements. Ces sous-amendements sont transmis par écrit au président de la commission.

Ubugororangingo bwatanzwe mu nyandiko n'Abadepite, busuzumwa na Komisiyo ikanabufataho umwanzuro.	The amendments proposed in writing by Deputies are considered by the Committee for decision.	Les amendements proposés par des députés par écrit sont examinés par la commission pour décision.
Umudepite wateguye ubugororangingo yitabira inama ya Komisiyo igenewe kubusuzuma.	A Deputy having introduced amendments attends the meeting of the Committee devoted to considering them.	Le député auteur des amendements assiste à la séance de la commission consacrée à leur examen.
Ubugororangingo n'ibitekerezo bitanzwe na Komisiyo n'Inzego byihariye biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda bifite mu nshingano zabyo gutanga inama ku mishinga y'amategeko imwe n'imwe, bibishyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite nawe akabishyikiriza Komisiyo bireba. Abahagarariye Komisiyo n'Inzego, iyo bitabiriye inama za Komisiyo, bahabwa ijambo bagasobanura ibijyanye n'inyandiko yabo.	Amendments proposed and opinions given by specific commissions and organs provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda and whose responsibilities include providing advice on some draft laws or private member's bills are submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies who, in turn, submits them to the Committee concerned. Representatives of such commissions and organs participating in the meetings of the Committee are given the floor to explain the contents of their paper.	Les amendements proposés et les avis données par des commissions et des organes spécifiques prévus par la Constitution de la République du Rwanda dont les attributions consistent entre autres à fournir des conseils sur certains projets ou certaines propositions de loi sont transmis au Président de la Chambre des Députés qui, à son tour, les transmet à la commission concernée. Les représentants de ces commissions et organes participant aux réunions de la commission se voient accorder la parole pour expliquer le contenu de leur document.
Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gufata icyemezo cyo gushyikiriza Komisiyo isuzuma umushinga w'itegeko ubundi ubugororangingo ubwo ari bwo bwose yaba itaragejweho.	The Bureau of the Chamber of Deputies may decide to refer to the Committee considering a draft law or private member's bill any other amendments that might not have been submitted to the Committee.	Le Bureau de la Chambre des Députés peut décider de soumettre à la commission examinant un projet ou une proposition de loi tous autres amendements dont la commission n'aurait pas été saisie.
<b><u>Ingingo ya 132: Kwiga imishinga y'amategeko muri Komisiyo ihoraho</u></b>	<b><u>Article 132: Consideration of draft laws or private member's bills in Standing Committee</u></b>	<b><u>Article 132: Examen des projets de loi ou propositions de loi en commission permanente</u></b>
Komisiyo ibinyujije kuri Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ishobora gutumiza Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta, undi mu bagize	The Committee, through the Speaker of the Chamber of Deputies, may ask a Minister, a Minister of State, any other cabinet member, any	La commission peut, par le biais du Président de la Chambre des Députés, inviter un ministre, un secrétaire d'État, tout autre membre du

Guverinoma, umuntu uwo ari we wese cyangwa urwego urwo ari rwo rwose bireba, ngo baze gutanga ibisobanuro birambuye ku mushinga w'itegeko ubareba uba usuzumwa na Komisiyo.

Komisiyo zakira kandi ibitekerezo byanditse ku mishinga y'amategeko yigwa. Ibitekerezo byakiriwe bishyikirizwa abagize Komisiyo mu gihe uwo mushinga w'itegeko usuzumirwa muri Komisiyo.

Raporo ya Komisiyo ku mushinga w'itegeko ryose ishyikirizwa Abadepite, hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko igibwaho impaka n'Inteko Rusange.

Icyakora iyo byihutirwa iyo minsi ntiyubahirizwa.

**Icyiciro cya 3: Kwemeza umushinga w'itegeko mu Nteko Rusange**

**Ingingo ya 133: Gushyikiriza Abadepite umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo uhinduye mu ndimi**

Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Abadepite umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo uri mu ndimi eshatu (3) zemewe mu butegetsi harimo ikinyarwanda mbere y'uko usuzumwa n'Inteko Rusange.

other person or any institution concerned to appear to provide detailed explanations on a draft law or private member's bill concerning them which is under consideration by the Committee.

Committees also receives written opinions on draft bills or private member's bills under consideration. Opinions received are distributed to members of the Committee during the consideration of such a draft law or private member's bill in Committee.

The report of the Standing Committee on the entire draft law or private member's bill is distributed to Deputies at least seven (7) days before the holding of debates on it by the Plenary Assembly.

However, such a time limit does not apply in case of urgency.

**Section 3: Adoption of a draft law or private member's bill in the plenary sitting**

**Article 133: Submission of a translated draft law or private member's bill after consideration thereof by the Committee**

The Speaker of the Chamber of Deputies submits to Deputies the draft law or private member's bill considered by the Committee while being in three (3) official languages including Ikinyarwanda

gouvernement, toute autre personne ou toute autre institution concernés à venir donner des explications détaillées sur un projet ou une proposition de loi qui les concernent qui sont en cours d'examen en commission.

Les commissions reçoivent également les avis écrits sur les projets ou propositions de loi en cours d'examen. Les avis reçus sont distribués aux membres de la commission au cours de l'examen de ce projet ou proposition de loi en commission.

Le rapport de la commission portant sur l'ensemble d'un projet ou d'une proposition de loi est distribué aux députés sept (7) jours au moins avant la tenue des débats sur ce rapport par l'Assemblée plénière.

Toutefois, ce délai n'est pas observé en cas d'urgence.

**Section 3: Adoption d'un projet ou proposition de loi en séance plénière**

**Article 133: Transmission aux députés d'un projet ou proposition de loi traduit après son examen par la commission**

Le Président de la Chambre des Députés transmet aux députés le projet ou la proposition de loi ayant fait l'objet d'examen par la commission étant en trois (3) langues officielles dont l'ikinyarwanda avant d'être examiné par l'Assemblée plénière.

before consideration thereof by the Plenary Assembly.

**Ingingo ya 134: Kwemeza raporo ya Komisiyo mu Nteko Rusange**

Mbere yuko Inteko Rusange itangira gutora ingingo zigize umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo, Biro ya Komisiyo ibanza kugeza ku Nteko Rusange mu magambo raporo ivunaguye igaragaza uko umushinga wasuzumwe muri Komisiyo, Inteko Rusange ikayemeza.

Iyo raporo ya Komisiyo itemewe n'Inteko Rusange, impaka zirahagarara, Inteko Rusange ikayisubiza Komisiyo.

**Ingingo ya 135: Impaka zigibwa ku mushinga w'itegeko mu Nteko Rusange**

Impaka zigibwa ku mushinga w'itegeko mu Nteko Rusange ziri ukubiri, impaka rusange n'impaka ku ngingo.

Impaka rusange zigibwa mu buryo bwo kwiga ishingiro ry'umushinga w'itegeko .

Impaka ku ngingo zigibwa ku ngingo zakorewe ubugororangingo na Komisiyo.

**Article 134: Approval of the Committee report in the plenary sitting**

Before the voting on the Articles making up the draft law or private member's bill, the Bureau of the Committee tables before the Plenary Assembly a summary report documenting the way such a draft law or private member's bill was considered in the Committee for approval thereof by the Plenary Assembly.

Where the Committee report is not approved by the Plenary Assembly, the debates are closed and the Plenary Assembly sends the report back to the Committee.

**Article 135: Debates on the draft law or private member's bill in the plenary sitting**

Debates on the draft law or private member's bill in the plenary sitting are of two types, namely general debates and debates on Articles.

General debates are conducted in the same way as the consideration of the merits of a draft law or private member's bill.

Debates on Articles are centred on Articles amended by the Committee.

**Article 134 : Approbation du rapport de la commission en séance plénière**

Avant de procéder au vote des articles qui composent un projet ou une proposition de loi examinés par la commission, le Bureau de la commission présente devant l'Assemblée plénière un rapport sommaire faisant état de la façon dont ce projet a été examiné par la commission en vue de son approbation par l'Assemblée plénière.

Lorsque le rapport de la commission n'est pas approuvé par l'Assemblée plénière, les débats sont clos et l'Assemblée plénière le retourne à la commission.

**Article 135 : Débats sur un projet ou une proposition de loi en séance plénière**

Les débats sur un projet ou une proposition de loi en séance plénière sont de deux ordres à savoir les débats généraux et les débats sur les articles.

Les débats généraux se déroulent de la même manière que lors de l'examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi.

Les débats sur les articles portent sur les articles ayant fait l'objet d'amendement par la commission.



Ubugororangingo bw'imyandikire ntibugibwaho impaka, ntibunatorerwa.	Technical amendments are neither debated nor voted on.	Les amendements de forme ne font pas l'objet de débats ni de vote.
Ingingo z'umushinga w'itegeko zitorwa zitagombye gusomerwa Inteko Rusange.	Articles of the draft law or private member's bill are voted without being read out to the Plenary Assembly.	Les articles d'un projet ou d'une proposition de loi sont votés sans être lus à l'Assemblée plénière.
<b><u>Ingingo ya 136: Impaka ku mushinga w'itegeko wakorewe ubugororangingo</u></b>	<b><u>Article 136: Debates on an amended draft law or private member's bill</u></b>	<b><u>Article 136 : Débats sur un projet ou une proposition de loi amendé</u></b>
Impaka mu Nteko Rusange zibanza kugibwa ku mushinga w'itegeko ubwawo, zigakomereza ku bugororangingo buba bwemejwe na Komisiyo.	Debates in the plenary sitting first focus on the draft law or private member's bill itself and then on to the amendments adopted by the Committee.	Les débats en séance plénière portent d'abord sur le projet ou la proposition de loi en soi puis sur les amendements ayant été adoptés par la commission.
Ingingo zidafite ubugororangingo bwakozwe cyangwa bwagejwe kuri Komisiyo zitorerwa nta mpaka.	Articles without amendments made by or transmitted to the Committee are voted on without debates.	Les articles sans amendements apportés par la commission ou transmis à celle-ci sont soumis au vote sans débats.
Umushinga w'itegeko wagiweho impaka muri Komisiyo ntiwongerwa kugibwaho impaka rusange mu Nteko Rusange.	A draft law or private member's bill debated in Committee is not subject to general debates in the plenary sitting.	Un projet ou une proposition de loi débattus en commission ne font pas l'objet de débats généraux en séance plénière.
<b><u>Ingingo ya 137: Uburyo bukurikizwa mu gutora ingingo z'umushinga w'itegeko wakorewe ubugororangingo</u></b>	<b><u>Article 137: Procedure for voting on a draft law or private member's bill having been subject to amendments</u></b>	<b><u>Article 137 : Procédure de vote d'un projet ou d'une proposition de loi ayant fait l'objet d'amendements</u></b>
Ingingo z'umushinga w'itegeko zakorewe ubugororangingo zicishwa mu majwi mbere y'umushinga w'ibanze w'itegeko, naho ubugororangingo bw'ingoboka bugacishwa mu majwi mbere y'ubugororangingo bw'ingingo z'umushinga w'itegeko.	Articles of a draft law or private member's bill having been subject to amendments are put to vote before the original draft law or private member's bill while sub-amendments are put to vote before amendments to Articles of the draft law or private member's bill.	Les articles d'un projet ou d'une proposition de loi ayant fait l'objet d'amendements sont soumis au vote avant le projet ou la proposition de loi de départ alors que les sous-amendements sont soumis au vote avant les amendements des articles du projet ou d'une proposition de loi.

Ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo ntibugibwaho impaka mu Nteko Rusange.

Icyakora, iyo uwatanze ubugororangingo bwanzwe atari umwe mu bagize iyo Komisiyo, ahabwa ijamba mu Nteko Rusange kugira ngo asobanure ubwo bugororangingo bwe iyo atanyuzwe. Komisiyo isobanura impamvu itabwemeye maze bugatorerwa nta zindi mpaka.

Mu gihe Komisiyo yarangije gutanga Raporo, Umudepite ufite ubugororangingo bw'ireme abushyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu nyandiko kugira ngo abugeze ku Nteko Rusange. Mu gihe umushinga w'itegeko usuzumwa mu Nteko Rusange, uwatanze ubugororangingo ahabwa ijamba kugira ngo abusobanure.

Mu gihe hemezwa umushinga w'itegeko uturutse muri Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi, ubugororangingo bwumvikanyweho muri Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi kimwe n'ubwa Sena bitorerwa hamwe hagakurikiraho ingingo zemejwe n'Umutwe w'Abadepite ntizigororwe na Sena.

Iyo Komisiyo isabye gusubirana ingingo mu rwego rwo kuyisuzuma bundi bushya, Inteko Rusange ibifataho umwanzuro.

Amendments or sub-amendments rejected by the Committee are not subject to debates in the plenary sitting.

However, if the person having introduced the rejected amendments is not a member of the Committee, he/she is given the floor to explain his/her amendments in the plenary sitting in case of dissatisfaction. The Committee states reasons for their rejection and such amendments are then voted on without any further debates.

When the Committee has already submitted its report, a Deputy having a substantive amendment to propose submits it in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies for him/her to submit it to the Plenary Assembly. During the consideration of the draft law or private member's bill in the plenary sitting, a person having submitted amendments is given the floor to justify his/her amendments.

At the time of the adoption of a draft law or private member's bill from the Joint Committee, amendments agreed upon by the Joint Committee as well as those of the Senate are voted on together, followed by Articles adopted by the Chamber of Deputies without them having been amended by the Senate.

If a Committee asks for withdrawing an Article for reconsideration, the Plenary Assembly decides thereon.

Les amendements ou les sous-amendements ayant été rejetés par la commission ne font pas l'objet de débats en séance plénière.

Toutefois, lorsque l'auteur des amendements ayant été rejetés n'est pas membre de la commission, il se voit accorder la parole en séance plénière pour expliquer ses amendements s'il n'est pas satisfait. La commission présente alors les raisons qui ont motivé le rejet de ces amendements et ces derniers sont soumis au vote sans autres débats.

Lorsque la commission a déjà remis son rapport, un député ayant un amendement de fond à proposer le transmet par écrit au Président de la Chambre des Députés pour que ce dernier le transmette à l'Assemblée plénière. Lors de l'examen du projet ou de la proposition de loi en séance plénière, celui ayant transmis des amendements se voit accorder la parole pour justifier ses amendements.

Lors de l'adoption d'un projet ou d'une proposition de loi en provenance de la commission paritaire, les amendements convenus dans cette commission ainsi que ceux du Sénat sont votés en même temps, suivis des articles adoptés par la Chambre des Députés sans avoir été amendés par le Sénat.

Lorsqu'une commission demande le retrait d'un article pour réexamen, l'Assemblée plénière y statue.

Raporo ku ngingo yasubijwe muri Komisiyo ishyikirizwa Abadepite mbere y'uko isuzumwa n'Inteko Rusange.

Igihe cyose Inteko Rusange itaratorera umushinga w'itegeko ryose, Komisiyo ishobora kwiga bundi bushya ingingo yatowe, ibyibwirije bikemezwa n'Inteko Rusange. Icyo gihe Komisiyo ikora raporo y'inyongera ishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo iyitorere bundi bushya.

**Ingingo ya 138: Umwanzuro ku kibazo cy'ireme kigaragaye mu itegeko ryamaze gutorwa**

Mu gihe ikibazo cy'ireme gishingiye ku nyungu rusange kigaragaye mu itegeko ryamaze gutorwa ariko rikaba ritaroherezwa urundi rwego, Biro y'Umutwe w'Abadepite igishyikiriza Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro.

**Ingingo ya 139: Isubiranwa ry'umushinga w'itegeko rikozwe n'uwawutangije**

Iyo uwatangije umushinga w'itegeko ashatse kuwusubirana, ku rwego waba ugezeho rwose, abisaba mu nyandiko Inteko Rusange ikabifataho umwanzuro.

A report on the Article having been referred back to the Committee is submitted to Deputies before consideration thereof by the Plenary Assembly.

At any time before the Plenary Assembly has yet to adopt the entire draft law or private member's bill, the Committee may, on its own initiative and with the approval of the Plenary Assembly, re-consider an Article having been voted on. In that case, the Committee writes an additional report to be submitted to the Plenary Assembly for a new vote on it.

**Article 138: Resolution on a substantive issue identified after the adoption of the law**

When a substantive issue of general interest appears in a law after its adoption but before submission thereof to another organ, the Bureau of the Chamber of Deputies refers it to the Plenary Assembly for decision.

**Article 139: Withdrawal of a draft law or private member's bill by its initiator**

When the initiator of a draft law or private member's bill wishes to have the draft law or private member's bill returned to him/her at any stage of the process, he/she requests in writing to have it returned to him/her, and the Plenary Assembly decides thereon.

Un rapport portant sur l'examen d'un article ayant été renvoyé à la commission est soumis aux députés avant qu'il ne fasse l'objet de débats par l'Assemblée plénière.

À tout moment avant que l'Assemblée plénière n'ait pas encore voté l'ensemble du projet ou de la proposition de loi, la commission peut, de sa propre initiative et après approbation par l'Assemblée plénière, réexaminer un article ayant été voté. Dans ce cas, la commission fait un rapport additionnel transmis à l'Assemblée plénière pour un nouveau vote.

**Article 138 : Résolution relative à un problème de fond apparu après l'adoption de la loi**

Lorsqu'un problème de fond d'intérêt général apparaît dans une loi après son adoption mais avant sa soumission à un autre organe, le Bureau de la Chambre des Députés le soumet à l'Assemblée plénière pour y statuer.

**Article 139: Retrait du projet de loi ou de la proposition de loi par son initiateur**

Lorsque l'initiateur d'un projet ou d'une proposition de loi désire les retirer à n'importe quelle étape de la procédure, il en fait la demande par écrit et l'Assemblée plénière y statue.

Iyo uwatangije umushinga w'itegeko asabye kuwusubirana utarigirwa ishingiro awusubizwa bitanyuze mu Nteko Rusange. Perezida w'Umutwe w'Abadepite agenera Inteko Rusange kopi y'inyandiko iwusubiza.

When an initiator of a draft law or private member's bill requests to have it returned to him/her before consideration of its merits, the draft law or private member's bill is returned to him/her without going through the Plenary Assembly. The Speaker of the Chamber of Deputies provides the Plenary Assembly with a copy of the letter through which the draft law or private member's bill is returned to the initiator.

Lorsque l'initiateur d'un projet ou d'une proposition de loi demande le retrait de ces derniers avant que leur opportunité ne soit examinée en séance plénière, ils lui sont retournés sans passer par l'Assemblée plénière. Le Président de la Chambre des Députés réserve à l'Assemblée plénière une copie de la lettre de leurs remise.

**Ingingo ya 140: Gusubiza umushinga w'itegeko**

**Article 140: Referring a draft law or private member's bill back to its initiator**

**Article 140: Renvoi d'un projet ou d'une proposition de loi à son initiateur**

Iyo umushinga w'itegeko udatowe n'Inteko Rusange Perezida w'Umutwe w'Abadepite abimenyeshya uwawutangije bidatinze, akanamenyeshya mu ncamake impamvu zatumye Abadepite batawutora. Uwo mushinga w'itegeko usubizwa uwawutangije.

When a draft law or private member's bill is rejected by the Plenary Assembly, the Speaker of the Chamber of Deputies promptly informs its initiator thereof, briefly specifying the reasons for the Deputies to reject it. Such a draft law or private member's bill is referred back to the initiator.

Si un projet ou une proposition de loi est rejeté par l'Assemblée plénière, le Président de la Chambre des Députés en informe sans délai l'initiateur, en lui précisant brièvement les raisons ayant motivé son rejet par les députés. Ces projet ou proposition de loi sont renvoyés à l'initiateur.

Bisabwe na Komisiyo yasuzumye umushinga w'itegeko cyangwa Umudepite, Inteko Rusange ishobora gufata icyemezo cyo gusubiza umushinga w'itegeko uwawutangije.

The Plenary Assembly may, at the request of the Committee having considered the a draft law or private member's bill or of a Deputy, decide to refer the draft law or private member's bill back to its initiator.

L'Assemblée plénière peut, sur demande de la Commission ayant examiné le projet ou la proposition de loi ou d'un député, décider de retourner un projet ou une proposition de loi à son initiateur.

Iyo Umutwe w'Abadepite ushyikirijwe umushinga w'itegeko utemerewe ishingiro cyangwa udatowe na Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite awusubiza uwawutangije uherekajwe n'impamvu zatanzwe na Sena ku mpamvu yatumye udatorwa cyangwa utemerezwa ishingiro.

When the Chamber of Deputies receives a draft law or private member's bill whose merits is not approved by the Senate or which is rejected by the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies refers it back to the initiator, specifying reasons

Lorsque la Chambre des Députés se voit remettre un projet ou une proposition de loi dont l'opportunité n'est pas approuvée par le Senat ou qui est rejeté par ce dernier, le Président de la Chambre des Députés les retourne à l'initiateur, accompagnés des raisons

having prompted the Senate to reject it or refuse to approve its merits.

ayant poussé le Sénat à les rejeter ou à ne pas approuver leur opportunité.

**Ingingo ya 141: Iyoherezwa ry'imishinga y'amategeko yatowe n'Umutwe w'Abadepite**

Iyo itegeko rimaze gutorwa n'Umutwe w'Abadepite riri mu bubasha bwa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite aryoherezwa Perezida wa Sena kugira ngo risuzumwe.

Iyo ritari mu bubasha bwa Sena rihita ryoherezwa Perezida wa Repubulika kugira ngo rishyirweho umukono mbere y'uko ritangazwa.

**Ingingo ya 142: Kwemeza ko itegeko ryatangajwe rihuye n'iryatowe n'Inteko Rusange**

Iyo umushinga w'itegeko wemejwe n'Inteko Rusange, Biro ya Komisiyo yawusuzumye irawunoza hakurikijwe uko wemejwe mu Nteko Rusange, ikawoherezwa Biro y'Umutwe w'Abadepite. Uwo mushinga w'itegeko wohererezwa izindi nzego uherekajwe n'inyandiko ivunaguye igaragaza mu ncamake uko watowe. Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite yemeza ko kopi y'iyonyandiko ivunaguye ihuye na kopi y'umushinga w'itegeko, anasaba ko bishyirwa

**Article 141: Submission of draft laws or private member's bills adopted by the Chamber of Deputies**

When a law adopted by the Chamber of Deputies falls within the competence of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies submits it to the President of the Senate for consideration thereof.

When a law adopted by the Chamber of Deputies does not fall within the competence of the Senate, it is submitted directly to the President of the Republic for promulgation prior to its being published.

**Article 142: Certification of conformity of the law published with the version adopted by the Plenary Assembly**

When a draft law or private member's bill is adopted by the Plenary Assembly, the Bureau of the Committee having considered it makes adjustments thereto, account being taken of the plenary sitting debates having resulted in its adoption, and then submits it to the Bureau of the Chamber of Deputies. Such a draft law or private member's bill is submitted to other institutions along with the minutes related to its adoption. The Clerk to the Chamber of Deputies certifies that such minutes

**Article 141 : Transmission de projets ou de propositions de loi adoptés par la Chambre des Députés**

Lorsqu'une loi adoptée par la Chambre des Députés relève de la compétence du Sénat, le Président de la Chambre des Députés la soumet au Président du Sénat pour son examen.

Lorsqu'une loi adoptée par la Chambre des Députés ne relève pas de la compétence du Sénat, elle est directement soumise au Président de la République pour promulgation avant sa publication.

**Article 142 : Certification de la conformité entre la loi publiée et la version adoptée par l'Assemblée plénière**

Lorsqu'un projet ou une proposition de loi sont adoptés par l'Assemblée plénière, le Bureau de la commission les ayant examinés y apporte des ajustements en tenant compte des débats de la séance plénière ayant abouti à leur adoption et les transmet au Bureau de la Chambre des Députés. Ces projet ou proposition de loi sont soumis aux autres institutions accompagnés du compte rendu de leur adoption. Le Secrétaire général de la Chambre des Députés certifie que ce compte rendu correspond au

mu bushyiguro bw'inyandiko z'Umutwe w'Abadepite.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite yoherereza itegeko rihuye n'iryemejwe riherekejwe n'inyandiko zivunaguye Perezida wa Sena iyo riri mu bubasha bwa Sena kugira ngo risuzumwe cyangwa Perezida wa Repubulika kugira ngo ritangazwe iyo ritari mu bubasha bwa Sena, akagera kopi inzego bireba.

Iyo itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, Umunyamabanga Mukuru Wungirije w'Umutwe w'Abadepite akurikirana ko rihuye neza n'iryari ryatowe n'Inteko Rusange agashyikiriza raporo Biro y'Umutwe w'Abadepite mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ishyikirijwe Umutwe w'Abadepite.

**Ingingo ya 143: Gusubiramo itegeko bisabwe na Perezida wa Repubulika**

Iyo Perezida wa Repubulika asabye ko itegeko ryatowe risubirwamo, bisobanurirwa Inteko Rusange rigashyikirizwa Komisiyo yari yaryize ikongera ikarisuzuma.

conform to the text of the draft law or private member's bill and causes them to be kept in the archives of the Chamber of Deputies.

The Speaker of the Chamber of Deputies submits to the President of the Senate a copy of the law corresponding to the adopted text along with related minutes for consideration if such a law falls within the competence of the Senate or submits them directly to the President of the Republic for promulgation, if the law does not fall within the competence of the Senate and sends a copy thereof to relevant organs.

When the law is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the Deputy Clerk to the Chamber of Deputies checks to ensure that the law conforms to the text having been adopted by the Plenary Assembly and report to the Bureau of the Chamber of Deputies accordingly within fifteen (15) days of receipt of the Official Gazette of the Republic of Rwanda by the Chamber of Deputies.

**Article 143: Second reading of the law at the request of the President of the Republic**

When the President of the Republic requests a second reading of the law which has already been adopted, reasons for such a request are explained to the Plenary Assembly and the law is submitted to

texte de projet ou de proposition de loi et demande qu'ils soient conservés dans les archives de la Chambre des Députés.

Le Président de la Chambre des Députés soumet la loi conforme au texte adopté accompagné du compte-rendu au Président du Sénat pour examen lorsque cette loi relève des compétences du Sénat ou au Président de la République pour promulgation lorsqu'elle ne relève pas des compétences du Sénat et réserve copie aux organes concernés.

Lorsque la loi est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda, le Secrétaire général adjoint de la Chambre des Députés fait des vérifications pour s'assurer qu'elle est conforme au texte qui a été adopté par l'Assemblée plénière et en fait rapport au Bureau de la Chambre des Députés dans les quinze (15) jours de la réception du Journal Officiel de la République du Rwanda par la Chambre des Députés.

**Article 143 : Deuxième lecture de la loi sur demande du Président de la République**

Lorsque le Président de la République demande une deuxième lecture de la loi déjà votée, cette demande est justifiée à l'Assemblée plénière et cette loi est soumise à la même commission l'ayant initialement examinée pour un nouvel examen.

the Committee having originally considered it for a new consideration.

Muri icyo gihe, iyo Inteko Ishinga Amategeko yongeye gutora iryo tegeko ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) ku byerekeye amategeko asanzwe cyangwa bwa bitatu bya kane (3/4) ku byerekeye amategeko ngenga, Perezida wa Repubulika agomba kurishyiraho umukono.

**Ingingo ya 144: Gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga**

Gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga byemezwa na bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite.

Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga risuzumwa n'Inama y'Abaperezida rikemezwa ritowe ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite. Iyo iryo vugururwa rimaze kwemezwa, ryoherezwa Sena.

Iyo Sena itangije ivugururwa ry'Itegeko Nshinga, isaba Umutwe w'Abadepite ishingiye ry'iryo vugururwa. Iyo Umutwe w'Abadepite umaze kwemeza ivugururwa, ryoherezwa Sena kugira ngo nayo irisuzume.

In this case, if the Parliament adopts again the law by a two-thirds (2/3) majority vote for ordinary laws, or by a three-quarters (3/4) majority vote for organic laws, the President of the Republic must promulgate it.

**Article 144: Initiating constitutional amendment**

An initiative for constitutional amendment is adopted by a two-thirds (2/3) majority vote of the members of the Chamber of Deputies.

The Constitutional amendment is considered by the Conference of Chairpersons and approved by three-quarters (3/4) majority vote of the members of the Chamber of Deputies. If the draft amendment is adopted, it is submitted to the Senate.

When the Senate initiates constitutional amendment, it seeks approval of the merits of such an amendment from the Chamber of Deputies. If the Chamber of Deputies adopts the draft amendment, it submits it to the Senate for consideration.

Dans ce cas, si le Parlement adopte encore la même loi à la majorité des deux tiers (2/3) pour les lois ordinaires ou des trois quarts (3/4) pour les lois organiques, le Président de la République doit la promulguer.

**Article 144 : Initiation de la révision de la Constitution**

L'initiation de la révision de la Constitution est adoptée par deux tiers (2/3) des voix des membres de la Chambre des Députés.

La révision de la Constitution est examinée par la Conférence des Présidents et est votée à la majorité des trois quarts (3/4) des voix des membres de la Chambre des Députés. Si ce projet de révision est adopté, il est soumis au Sénat.

Lorsque le Sénat initie le projet de révision de la Constitution, il sollicite l'approbation de l'opportunité de cette révision auprès de la Chambre des Députés. Si la Chambre des Députés adopte la révision, elle transmet au Sénat le projet de révision de la Constitution pour examen.

**Iciviro cya 4: Imigendekere y'impaka mu Nteko Rusange mu gihe byihutirwa**

**Ingingo ya 145: Gusuzuma umushinga w'itegeko ku buryo bwihutirwa**

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 129 y'iri tegeko ngenga, mu gihe byihutirwa, bisabwe na Guverinoma cyangwa Umudepite, bikemezwa n'Inteko Rusange, ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ibiri ku murongo w'ibygwa, ibyo guhindura inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kubahiriza ibihe, ntizikurikizwa.

Iyo Umudepite asabye ko umushinga w'itegeko usuzumwa ku buryo bwihutirwa, Umutwe w'Abadepite ubifatira icyemezo ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'Abadepite bateraniye mu Nteko Rusange. Iyo Guverinoma ibisabye buri gihe irabyemererwa.

Iyo byemejwe ko umushinga usuzumwa ku buryo bwihutirwa, kuwusuzuma cyangwa gusuzuma ikindi kirebana na wo biza mbere ku murongo w'ibygwa n'Inteko Rusange.

**Section 4: Conduct of debates in the plenary sitting in case of urgent procedure**

**Article 145: Use of urgent procedure for consideration of a draft law or private member's bill**

Subject to the provisions of Article 129 of this Organic Law and after use of urgent procedure for consideration of a draft law or private member's bill is sought by the Cabinet or a Deputy and approved by the Plenary Assembly, the provisions of this Organic Law which relate to the agenda, translation of texts or compliance with time limits do not apply.

When a Deputy seeks the use of urgent procedure for the consideration of a draft law or private member's bill, the Chamber of Deputies decides thereon by a two-thirds (2/3) majority vote of Deputies present in the plenary sitting. When urgent consideration is sought by the Cabinet, it is always granted.

When urgent consideration of a draft law or private member's bill is granted, the consideration of such a draft law or private member's bill or that of any other related issue is accorded priority over other items on the agenda of the plenary sitting.

**Section 4: Déroulement des débats en séance plénière en cas de procédure d'urgence**

**Article 145: Examen en procédure d'urgence d'un projet ou d'une proposition de loi**

Sous réserve des dispositions de l'article 129 de la présente loi organique et après demande d'examen en procédure d'urgence soit par le Gouvernement, soit par un député et après approbation par l'Assemblée plénière, les dispositions de la présente loi organique relatives à l'ordre du jour, à la traduction des textes ou au respect des délais ne sont pas applicables.

Lorsqu'un député demande l'examen en procédure d'urgence d'un projet ou d'une proposition de loi, la Chambre des Députés s'y prononce à la majorité des deux tiers (2/3) des députés présents en séance plénière. Lorsque la demande d'examen en procédure d'urgence émane du Gouvernement, elle est toujours accordée.

Lorsque la demande d'examen en procédure d'urgence d'un projet ou d'une proposition de loi est accordée, son examen ou celui de toute autre question y relative a priorité sur l'ordre du jour de la séance plénière.



**Ingingo ya 146: Gushyikiriza Komisiyo umushinga w'itegeko wihutirwa**

Nyuma yo kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ahita ashikiranira Komisiyo ibishinzwe umushinga w'itegeko wihutirwa kugira ngo usuzumwe ku buryo bwihutirwa.

Iyo Inama y'Abaperezida yiga umushinga w'itegeko, Abadepite babyifuza bashobora gukurikirana uko imirimo igenda, ariko ntibashobora gutora.

Mu gihe cyo gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, bisabwe n'uhagarariye Guverinoma cyangwa Umudepite bikemezwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'amajwi y'abitabiriye inama, Inteko Rusange yemeza ko uwo mushinga w'itegeko uhita wemezwa mu Nteko Rusange utagombye kunyuzwa muri Komisiyo ibishinzwe.

Muri icyo gihe, ubugororangingo bw'ireme n'ubw'imyandikire butangirwa mu Nteko Rusange kandi Minisitiri uhagarariye Guverinoma cyangwa Umudepite watangije umushinga w'itegeko ni bo bawuhagararira mu Nteko Rusange.

**Article 146: Submission to the Committee a draft law or private member's bill requiring the use of urgent procedure**

After adoption of the merits of a draft law or private member's bill requiring the use of urgent procedure, the Speaker of the Chamber of Deputies immediately sends the draft law or private member's bill to the Committee concerned for urgent consideration.

When the Conference of Chairpersons considers a draft law or private member's bill, interested Deputies may attend its proceedings but without voting rights.

When the merits of a draft law or private member's bill is under consideration and at the request of a Cabinet representative or a Deputy and after approval by a three-fifths (3/5) majority vote of members present, the Plenary Assembly decides immediate adoption of the draft law or private member's bill without it going through the relevant Committee process.

In that case, substantial and technical amendments are proposed in the plenary sitting and the Minister representing the Cabinet or the Deputy having initiated the draft law or private member's bill defends it before the Plenary Assembly.

**Article 146: Soumission à la commission d'un projet de loi ou d'une proposition de loi requérant la procédure d'urgence**

Après adoption de l'opportunité d'un projet de loi ou d'une proposition de loi requérant la procédure d'urgence, le Président de la Chambre des Députés les transmet immédiatement à la commission pour leur examen en procédure d'urgence.

Lorsque la Conférence des présidents examine un projet ou une proposition de loi, les députés intéressés peuvent assister à ses travaux mais sans voix délibérative.

Lors de l'examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi et sur demande d'un représentant du Gouvernement ou d'un député et sur approbation par la majorité des trois cinquièmes (3/5) des membres présents, l'Assemblée plénière décide de l'adoption immédiate de ce projet ou de cette proposition de loi en séance plénière sans les faire passer par la commission concernée.

Dans ce cas, les amendements de fond et de forme sont proposés en séance plénière et le ministre représentant le Gouvernement ou le député ayant initié le projet ou la proposition de loi les défend devant l'Assemblée plénière.

**UMUTWE WA VII: KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA**

**Ingingo ya 147: Igihe n'itumizwa ry'abagize Guverinoma**

Mu gihe cy'ibihembwe bisanzwe by'Umutwe w'Abadepite, nibura inama imwe mu cyumweru iharirwa ibibazo abagize Umutwe w'Abadepite babaza Guverinoma n'ibisubizo ibaha. Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta n'abandi bagize Guverinoma bitabira izo nama, babimenyeshwa mu nyandiko nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko ziba.

Icyakora, icyo gihe gishobora kugabanuka byemejwe n'Inteko Rusange hakurikijwe ubwihutirwe bw'ingingo isuzumwa.

**Ingingo ya 148: Uburyo Umutwe w'Abadepite umenya ukanagenzura ibikorwa bya Guverinoma**

Uburyo Umutwe w'Abadepite umenya ukanagenzura ibikorwa bya Guverinoma ni ubu bukurikira:

- 1° kubaza mu magambo;
- 2° kubaza mu nyandiko;

**CHAPTER VII: OVERSIGHT OF THE EXECUTIVE BRANCH**

**Article 147: Period and procedure for summoning Cabinet members**

During ordinary sessions of the Chamber of Deputies, at least one sitting per week is devoted to Deputies' questions for the Cabinet and Cabinet's answers to such questions. The Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other Cabinet members who attend such sittings are notified thereof in writing at least seven (7) days before they are held.

However, such a period may be shortened as a result of urgency dictated by the items to be considered with the approval of the Plenary Assembly.

**Article 148: Means of oversight of the executive branch by the Chamber of Deputies**

The means of oversight of the executive branch by the Chamber of Deputies are the following:

- 1° oral questions;
- 2° written questions;

**CHAPITRE VII: CONTRÔLE DE L'ACTION GOUVERNEMENTALE**

**Article 147: Période et procédure de convocation des membres du Gouvernement**

Durant les sessions ordinaires de la Chambre des Députés, au moins une séance par semaine est consacrée aux questions des députés au Gouvernement et aux réponses de ce dernier. Le Premier Ministre, les ministres, les secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement qui y participent en sont informés par écrit au moins sept (7) jours avant la tenue de telles séances.

Toutefois, cette période peut être écourtée pour des raisons d'urgence des points devant être examinés sur approbation de l'Assemblée plénière.

**Article 148: Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés**

Les moyens de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés sont les suivants :

- 1° questions orales ;
- 2° questions écrites ;

3° kubaza muri Komisiyo;

4° Komisiyo y'igenzura;

5° kubarizwa mu ruhamwe rw'Inteko.

3° Committee hearing;

4° Committee of inquiry;

5° interpellation.

3° audition en commission ;

4° commission d'enquête ;

5° interpellation.

Ibigomba gukurikizwa n'Umutwe w'Abadepite mu gihe cyo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma bigenwa n'itegeko ngenga.

**Ingingo ya 149: Kumenyeshwa uko ubukungu n'ingengo y'imari bihagaze**

Rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, Minisitiri ufite imari mu nshingano ze, amenyeshya Umutwe w'Abadepite uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite yandikira Minisitiri w'Intebe amusaba kohereza Minisitiri ufite ubukungu n'imari mu nshingano ze kuza kugeza ku Nteko Rusange uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze.

Modalities for oversight of the executive branch by the Chamber of Deputies are provided for by an Organic Law.

**Article 149: Information on the economic and budgetary situation**

Once a quarter and whenever necessary, the Minister in charge of finance informs the Chamber of Deputies of the overall economic and budgetary situation.

The Speaker of the Chamber of Deputies writes to the Prime Minister requesting him/her to send the Minister in charge of economy and finance to brief the Plenary Assembly on the overall economic and budgetary situation.

Les modalités de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés sont prévues par une loi organique.

**Article 149 : Information sur la situation économique et budgétaire**

Une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, le ministre ayant les finances dans ses attributions informe la Chambre des Députés sur la situation économique et budgétaire globale.

Le Président de la Chambre des Députés demande par écrit au Premier Ministre d'envoyer le ministre ayant l'économie et les finances dans ses attributions pour présenter à l'Assemblée plénière la situation économique et budgétaire globale.

**UMUTWE WA VIII: GUSURA ABATURAGE MU RWEGO RW'AKAZI K'UMUTWE W'ABADEPITE N'UBUTUMWA MU MAHANGA**

**Icyiciro cya mbere: Gusura abaturatione mu rwego rw'akazi**

**Ingingo ya 150: Gusura abaturatione**

Buri Mudepite afite inshingano yo gusura abaturatione kugira ngo amenye ibyiza bibakorerwa n'ibyo bigezaho kandi anamenye ibibazo bafite.

Iryo surwa rikorwa rinyuze muri za Komisiyo, Umudepite ku giti cye, mu mahuriro y'Abadepite biteganyijwe muri iri tegeko ngenga cyangwa mu matsinda y'Abadepite.

Umudepite kandi ashobora kumenya ibyiza cyangwa ibibazo by'abaturatione anyuze muri Komite Mpuzabikorwa z'Uturere yatumiwemo, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, iz'Uturere, iz'Imirenga n'iz'Utugari.

Mu nama zivugwa mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo, Abadepite batanga ibitekerezo ariko ntibatora.

**CHAPTER VIII: VISITS TO THE POPULATION AS PART OF THE MISSION OF THE CHAMBER OF DEPUTIES AND MISSION ABROAD**

**Section One: Official visits to the population**

**Article 150: Visits to the population**

Each Deputy has the responsibility to visit the population in order to learn about good actions being implemented for their benefit and their own accomplishments and identify problems facing them.

Such visits are conducted through Committees, by a Deputy as an individual, through forums or networks of Deputies provided for in this Organic Law or through groups of Deputies.

A Deputy may also learn about good actions being implemented for the benefit of the population or identify problems facing them through meetings of Districts Coordination Committees, those of Kigali City Council and Councils of Districts, Sectors and Cells to which he/she is invited.

Deputies participating in the meetings referred to under Paragraph 3 of this Article give their opinions but without voting rights.

**CHAPITRE VIII: VISITES À LA POPULATION DANS LE CADRE DE LA MISSION DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS ET MISSION À L'ÉTRANGER**

**Section première: Visites officielles à la population**

**Article 150: Visites à la population**

Chaque député a le devoir de rendre visite à la population pour s'enquérir de bonnes actions réalisées en leur faveur et de leurs propres réalisations ainsi que des problèmes auxquels elles sont confrontées.

Ces visites s'effectuent à travers les commissions, par un député à titre individuel, à travers les forums ou réseaux de députés prévus par la présente loi organique ou à travers les groupes de députés.

Un député peut également s'enquérir de bonnes actions réalisées en faveur de la population ou des problèmes auxquels ces dernières sont confrontées par le biais des réunions des Comités de Coordination de Districts, du Conseil de la Ville de Kigali, de celles des Districts, des Secteurs et des Cellules auxquelles il est invité.

Les députés participant aux réunions visées à l'alinéa 3 du présent article y donnent leurs avis mais sans voix délibérative.

Uretse igihe byihutirwa, gusura abaturage bikorwa mu gihe kitari icy'igihembwe gisanzwe.

Except in cases of urgency, visits to the population are conducted outside ordinary sessions.

Sauf en cas d'urgence, les visites à la population s'effectuent en dehors des périodes de la session ordinaire.

Umudepite ubyifuzwa yemerewe iminsi ibiri (2) buri kwezi yo gusura abaturage iyo bishoboka. Umudepite wifuzwa gusura abaturage abisaba mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Abadepite iminsi itatu (3) mbere y'itariki y'urugendo iyo bishoboka. Agaragaza aho yifuzwa kujya, impamvu n'inyungu y'urugendo ku baturage basurwa no ku Mutwe w'Abadepite.

Where possible, a Deputy is granted two (2) days per month for him/her to visit the population if he/she so wishes. A Deputy wishing to visit the population requests for it in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies three (3) days before the date of the visit, if possible. He/she specifies the place he/she wishes to visit, reasons for his/her visit and its importance for the population to be visited and for the Chamber of Deputies.

Si possible, un député qui le souhaite se voit accorder deux (2) jours par mois pour rendre visite à la population. Un député qui désire rendre visite à la population en fait la demande par écrit au Président de la Chambre des Députés trois (3) jours avant la date de la visite, si possible. Il indique le lieu qu'il souhaite visiter, les raisons de sa visite, l'intérêt que cette dernière présente pour la population à visiter et pour la Chambre des Députés.

Bikozwe n'Abadepite bese, Umutwe w'Abadepite usura abaturage nibura kabiri (2) mu mwaka, hagamijwe kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, kugira inama abaturage no kumenya ibibazo bafite.

The Chamber of Deputies organises at least twice a year, visits to the population by all Deputies to carry out oversight of the executive branch, provide advice to the population and identify problems facing them.

La Chambre des Députés organise au moins deux (2) fois par an, des visites de tous les députés à la population pour effectuer le contrôle de l'action gouvernementale, donner des conseils à la population et de s'enquérir de ses problèmes.

Kugira ngo isurwa ry'abaturage rigende neza, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, abimenyesha ubuyobozi bireba igihe cyose bishoboka.

To ensure that visits to the population run smoothly, the Speaker of the Chamber of Deputies informs relevant authorities thereof whenever possible.

Pour le bon déroulement des visites à la population, le Président de la Chambre des Députés en informe les autorités concernées chaque fois que possible.

Igihe umudepite yagiye gusura abaturage, ahabwa ibyangombwa n'Umutwe w'Abadepite.

When a Deputy conducts visits to populations, the Chamber of Deputies provides him/her with the necessary means.

Lorsqu'un député rend visite à la population, la Chambre des Députés met des moyens nécessaires à sa disposition.

**Ingingo ya 151: Ibigenerwa Umudepite ugiye mu butumwa, umurinda n'umutwara**

Ibigenerwa Umudepite ugiye mu butumwa bigenwa n'iteka rya Perezida.

Iyo urinda Umudepite cyangwa umutwara yajyanye nawe mu butumwa, ahabwa n'umutwe w'Abadepite amafaranga y'ubutumwa angana n'ay'abandi bakozi ba Leta bari mu cyiciro kimwe.

**Ingingo ya 152: Raporo z'ubutumwa bw'Abadepite**

Umudepite uvuye mu butumwa imbere mu gihugu ku giti cye akora raporo ashidikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) y'akazi uherye igihe arangirije ubutumwa mu Gihugu.

Mu gihe Abadepite bavuye mu butumwa rusange, bakora raporo zihurizwa hamwe zigashidikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite akazigeza ku Badepite mu nyandiko.

**Article 151: Allowances for a Deputy going on a mission and those for his/ her body guard and driver**

Allowances granted to a Deputy on a mission are determined by a Presidential Order.

Where the body guard or driver of a Deputy goes on a mission along with him/her, he/she receives from the Chamber of Deputies mission fees equivalent to those granted to other similarly ranked civil servants.

**Article 152: Deputies' mission reports**

When a Deputy returns from a mission conducted individually inside the country, he/ she writes a report thereon and submits it to the Speaker of the Chamber of Deputies within eight (8) working days of the end of the mission inside the country.

When Deputies return from a mission conducted collectively, they write reports thereon which are compiled and submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies who, in turn, submits them in writing to Deputies.

**Article 151: Indemnités accordées à un député se rendant en mission et celles accordées à son garde du corps et à son chauffeur**

Les indemnités accordées à un député se rendant en mission sont déterminées par arrêté présidentiel.

Si le garde du corps ou le chauffeur d'un député se rend en mission avec lui, il bénéficie de la part de la Chambre des Députés des frais de mission équivalents à ceux accordés à d'autres agents de l'État de rang similaire.

**Article 152 : Rapports de mission des députés**

Lorsqu'un député rentre d'une mission effectuée individuellement à l'intérieur du pays, il en fait un rapport adressé au Président de la Chambre des Députés dans les huit (8) jours ouvrables suivant la fin de la mission à l'intérieur du pays.

Lorsque les députés rentrent d'une mission effectuée collectivement, ils font des rapports qui sont compilés pour leur transmission au Président de la Chambre des Députés qui, à son tour, les soumet par écrit aux députés.

**Iciviro cya 2: Ubutumwa mu mahanga**

**Ingingo ya 153: Kwemeza Abadepite baja mu butumwa mu mahanga**

Biro y'Umutwe w'Abadepite ni yo igena Abadepite baja mu butumwa mu mahanga.

Mu gihe ubutumwa buhuriweho n'Imitwe yombi Biro ya buri Mutwe igena abawuhagararira.

**Ingingo ya 154: Urwandiko rw'ubutumwa ruhabwa Umudepite ugiye mu butumwa mu mahanga**

Igihe Umudepite agiye mu butumwa mu mahanga yitwaza urwandiko rw'ubutumwa rutangwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite.

Igihe ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite agiye mu butumwa mu mahanga yitwaza urwandiko rw'ubutumwa rutangwa na Perezida wa Repubulika

**Section 2: Mission abroad**

**Article 153: Designation of Deputies going on mission abroad**

The Bureau of the Chamber of Deputies is solely competent to designate Deputies to go on a mission abroad.

In the case of a mission involving both Chambers, the Bureau of each Chamber designates its delegates.

**Article 154: Travel clearance issued to a Deputy going on a mission abroad**

When a Deputy goes on a mission abroad, he/she carries with him/her a travel clearance issued by the Speaker of the Chamber of Deputies.

When a member of the Bureau of the Chamber of Deputies goes on an official mission abroad, he/she carries with him/her a travel clearance issued by the President of the Republic.

**Section 2 : Mission à l'étranger**

**Article 153 : Désignation des députés se rendant en mission à l'étranger**

Le Bureau de la Chambre des Députés est seul compétent pour désigner les députés devant se rendre en mission à l'étranger.

En cas d'une mission impliquant les deux Chambres, le Bureau de chaque Chambre désigne ses délégués.

**Article 154 : Ordre de mission délivré à un député se rendant en mission à l'étranger**

Lorsqu'un député se rend en mission à l'étranger, il se munit d'un ordre de mission délivré par le Président de la Chambre des Députés.

Lorsqu'un membre du Bureau de la Chambre des Députés se rend en mission à l'étranger, il se munit d'un ordre de mission délivré par le Président de la République.

**Ingingo ya 155: Ibigenerwa Umudepite ugiye mu butumwa na raporo y'ubutumwa mu mahanga**

Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa Umudepite ugiye mu butumwa mu mahanga.

Umudepite uvuye mu butumwa mu mahanga ashyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite raporo y'ubutumwa mu gihe cy'iminsi umunani (8) y'akazi uherye igihe agereye mu Gihugu.

Abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite bashyikiriza raporo Perezida wa Repubulika mu gihe cyavuzwe mu gika kibanziriza iki.

Biro y'Umutwe w'Abadepite igena raporo zigezwa mu magambo ku Nteko Rusange.

**Article 155: Allowances for a Deputy going on a mission abroad and his/her mission report**

A Presidential Order determines allowances granted to a Deputy going on a mission abroad.

A Deputy who returns from a mission abroad submits his/her mission report to the Speaker of the Chamber of Deputies within eight (8) working days of his/her return to the country.

Members of the Bureau of the Chamber of Deputies submit their reports to the President of the Republic within the time limit provided under the preceding Paragraph.

The Bureau of the Chamber of Deputies determines reports to be tabled before the Plenary Assembly.

**Article 155 : Indemnités accordées à un député se rendant en mission à l'étranger et son rapport de mission**

Un arrêté présidentiel détermine les indemnités accordées à un député qui se rend en mission à l'étranger.

Un député qui rentre d'une mission à l'étranger soumet son rapport de mission au Président de la Chambre des Députés dans les huit (8) jours ouvrables suivant la date de retour au pays.

Les membres du Bureau de la Chambre des Députés soumettent leurs rapports au Président de la République dans les délais prévus à l'alinéa précédent.

Le Bureau de la Chambre des Députés détermine les rapports devant être présentés devant l'Assemblée plénière.



**UMUTWE WA IX: IBIBAZO N'IBYIFUZO  
BY'ABATURAGE BISHYIKIRIZWA  
UMUTWE W'ABADEPITE**

**Icyiciro cya mbere: Ibibazo bireba abaturatione ku  
giti cyabo**

**Ingingo ya 156: Ibibazo by'abaturatione ku giti  
cyabo bishyikirizwa Komisiyo**

Komisiyo isuzuma ibibazo by'abaturatione biri mu nshingano zayo byashyikirijwe Umutwe w'Abadepite.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Komisiyo bireba inyandiko zirebana n'ibibazo by'abaturatione byagejwe ku Mutwe w'Abadepite.

Icyakora, mu gihe bigagaragara ko Komisiyo ihoraho ifite imirimo myinshi ituma itabasha gusuzuma ibibazo by'abaturatione, Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gushyikiriza indi Komisiyo ibibazo by'abaturatione bitari mu nshingano zayo.

Komisiyo ifite uburenganzira bwo gutumira uwatanze ikibazo, Umuyobozi uwo ari we wese, umwe mu bagize Guverinoma, urebwa n'ikibazo gisuzumwa. Ishobora kandi gusaba ibisobanuro, haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko, ku kibazo gisuzumwa.

**CHAPTER IX: PETITIONS AND REQUESTS  
ADDRESSED TO THE CHAMBER OF  
DEPUTIES**

**Section One: Private petitions**

**Article 156: Private petitions referred to the  
Committee**

The Committee considers petitions falling within the scope of its responsibilities having been addressed to the Chamber of Deputies.

The Speaker submits to the Committee concerned documents related to petitions addressed to the Chamber of Deputies.

However, when it appears that the Standing Committee is too busy to consider petitions, the Bureau of the Chamber of Deputies may refer such petitions to another Committee whose responsibilities do not cover such petitions.

The Committee has the right to invite the person having submitted the petition, any official or a Cabinet member who is concerned by the issue under consideration. It may also demand explanations, whether oral or written, on the issue under consideration

**CHAPITRE IX : PÉTITIONS ET REQUÊTES  
ADRESSÉES À LA CHAMBRE DES  
DÉPUTÉS**

**Section première : Pétitions privées**

**Article 156 : Pétitions privées soumises à la  
commission**

La commission examine les pétitions relevant de ses attributions ayant été adressées à la Chambre des Députés.

Le Président de la Chambre des Députés transmet à la commission concernée les documents relatifs aux pétitions adressées à la Chambre des Députés.

Toutefois, lorsqu'il apparaît qu'une commission permanente est trop surchargée pour examiner les pétitions, le Bureau de la Chambre des Députés peut renvoyer ces pétitions à une autre commission dont les attributions ne couvrent pas ces pétitions.

La commission a le droit d'inviter celui qui a introduit la pétition, une quelconque autorité ou un membre du Gouvernement concernés par le problème sous examen. Elle peut exiger des explications soit orales ou écrites sur le problème sous examen.

Komisiyo isesengura ikibazo yashyikirijwe, igakora raporo ishyikirizwa Inteko Rusange. Iyo raporo igomba kugaragaza imyanzuro n'igihe ikibazo kigomba kuba cyakemutse.

Iyo Inteko Rusange imaze kwemeza iyo raporo, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ayishyikiriza Minisitiri w'Intebe amusaba kuyigeza ku nzego bireba kugira ngo zirangize ikibazo.

Umutwe w'Abadepite ushyikirizwa raporo igaragaza ibyakozwe kuri ibyo bibazo mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90).

**Ingingo ya 157: Iterana ry'inama za Komisiyo zirenze imwe**

Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gusaba Komisiyo zihoraho z'Umutwe w'Abadepite zirenze imwe ko ziteranira hamwe mu nama zigasuzuma ikibazo zihuriyeho.

Icyo gihe Perezida wa Komisiyo mukuru mu myaka y'amavuko, niwe utumiza akanayobora

The Committee conducts analysis of the petition submitted to it and writes a report thereon to be tabled before the Plenary Assembly. Such a report must comprise recommendations and indicates the time limit for the resolution of the problem raised in the petition.

When the Plenary Assembly concludes the adoption of the report, the President of the Chamber of Deputies submits it to the Prime Minister, requesting him/her to submit it to the organs concerned for them to resolve the issue raised in the petition.

The Chamber of Deputies is given a report detailing actions having been taken to resolve the issues raised in the petition, and such a report is submitted within ninety (90) days.

**Article 157: Holding of joint Committee meetings**

The Bureau of the Chamber of Deputies may request more than one Standing Committee of the Chamber of Deputies to convene in a joint meeting to consider an issue which cuts across their responsibilities.

In that case, the eldest Committee chairperson convenes and presides over the meeting assisted by the youngest Committee chairperson.

La commission analyse la pétition qui lui est soumise et rédige un rapport y relatif devant être présenté devant l'Assemblée plénière. Le rapport doit comporter des recommandations et indiquer le délai limite de résolution du problème soulevé dans la pétition.

Lorsque l'Assemblée plénière finit d'adopter ce rapport, le Président de la Chambre des Députés le soumet au Premier ministre en lui demandant de le transmettre à son tour aux organes concernés pour que ces derniers résolvent le problème soulevé dans la pétition.

La Chambre des Députés se voit, dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt-dix (90) jours, soumettre un rapport faisant état des mesures ayant été prises pour résoudre les problèmes soulevés dans la pétition.

**Article 157 : Tenue des réunions conjointes de commissions**

Le Bureau de la Chambre des Députés peut demander à plus d'une commission permanente de la Chambre des Députés de tenir une séance commune pour examiner un problème qui est commun à leurs attributions.

Dans ce cas, le président le plus âgé d'une commission convoque et préside la réunion assisté par le président le plus jeune d'une commission.

inama yungirijwe na Perezida wa Komisiyo muto mu myaka y'amavuko.

Iyo Perezida wa Komisiyo mukuru mu myaka y'amavuko adahari, inama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komisiyo muto mu myaka yungirijwe n'Umudepite muto mu myaka y'amavuko.

Raporo ishyikirizwa Biro y'Umutwe w'Abadepite nayo ikayishyikiriza Inteko Rusange.

Icyakora, iyo ari ibyerekeye gutsura umubano n'izindi Nteko Zishinga Amategeko, Biro y'Umutwe w'Abadepite ni yo igena niba ari ngombwa ko iyo raporo ishyikirizwa Inteko Rusange.

**Ingingo ya 158: Ibibazo by'abaturage binyuzwa ku Badepite**

Uretse igihe imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe, iminota mirongo itatu (30) ya mbere y'inama y'Inteko Rusange iharirwa kugeza ku Mutwe w'Abadepite ibibazo by'abaturage. Umudepite ufite ikibazo yagejeweho n'umuturage ashaka kukigeza ku Nteko Rusange ahabwa iminota icumi (10).

In the absence of the eldest Committee chairperson, the meeting is convened and presided over by the youngest Committee chairperson assisted by the youngest Deputy.

The report is submitted to the Bureau of the Chamber of Deputies which, in turn, submits it to the Plenary Assembly.

However, in case of parliamentary diplomacy issues, the Bureau of the Chamber of Deputies is solely competent to determine whether the report has to be tabled before the Plenary Assembly.

**Article 158: Petitions submitted through Deputies**

Unless where both Chambers convene in a joint sitting, the first thirty minutes (30) of the plenary sitting are devoted to tabling petitions before the Chamber of Deputies. A Deputy wishing to table before the Plenary Assembly a petition having been presented to him/her by a citizen is given a speaking time of ten (10) minutes to table it before the Plenary Assembly.

En cas d'absence du président de la commission le plus âgé, la réunion est convoquée et présidée par le président de la commission le plus jeune assisté par le député le plus jeune.

Le rapport est soumis au Bureau de la Chambre de Députés qui, à son tour, le soumet à l'Assemblée plénière.

Toutefois, s'il s'agit des questions relatives à la diplomatie parlementaire, le Bureau de la Chambre des Députés est seul compétent pour déterminer si le rapport doit être présenté devant l'Assemblée plénière.

**Article 158 : Pétitions présentées à travers les députés**

Sauf lorsque les deux chambres sont réunies en congrès, les trente (30) premières minutes de la séance plénière sont réservées à la présentation des pétitions devant la Chambre des Députés. Un député désirent présenter une pétition qui lui a été adressée par un citoyen se voit accorder un temps de parole de dix (10) minutes pour la présenter devant l'Assemblée plénière.

Ikibazo kigejejwe ku Nteko Rusange ntikigibwaho impaka, ahubwo Perezida w'Umutwe w'Abadepite ahita acyohereza muri Komisiyo bireba kugira ngo igikurikirane cyangwa kizagarukweho mu rwego rwo kumenya no kuzuzura ibikorwa bya Guverinoma.

Komisiyo igeza raporo ku Nteko Rusange ikayifataho umwanzuro.

**Icyiciro cya 2:** Icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange

**Ingingo ya 159:** Icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange

Umuturage afite uburenganzira bwo kugeza icyifuzo kireba inyungu rusange ku Mutwe w'Abadepite.

Umuturage cyangwa itsinda ry'abaturage bafite icyifuzo kireba inyungu rusange bagishyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu nyandiko iriho imikono cyangwa ibikumwe byabo. Bashobora gukoresha kandi uburyo bw'ikoranabuhanga.

Icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange gishobora kandi kunyuzwa ku Mudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite.

A petition tabled before the Plenary Assembly is not subject to debates. Instead, the Speaker of the Chamber of Deputies immediately refers it to the Committee concerned for it to make follow-up on the petition or for the petition to be considered as part of oversight of the executive branch.

The Committee submits a report to the Plenary Assembly for decision.

**Section one:** Public petition

**Article 159:** Public petition

A citizen has the right to submit a public petition to the Chamber of Deputies.

A citizen or a group of citizens with a public petition submit it to the Speaker of the Chamber of Deputies in a document bearing their signatures or fingerprints. They may also make use of electronic means.

A public petition may also be submitted through a Deputy or a group of Deputies.

La pétition présentée devant l'Assemblée plénière ne fait pas l'objet de débats. Par contre, le Président de la Chambre des Députés la soumet immédiatement à la commission concernée pour en faire le suivi ou pour qu'elle soit examinée dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale.

La commission soumet le rapport à l'Assemblée plénière pour décision.

**Section première :** Pétition publique

**Article 159 :** Pétition publique

Un citoyen a le droit d'adresser une pétition publique à la Chambre des Députés.

Un citoyen ou un groupe de citoyens ayant une pétition publique la soumettent au Président de la Chambre des Députés par un document portant leurs signatures ou empreintes digitales. Ils peuvent également le faire par voie électronique.

Une pétition publique peut également être adressée par le biais d'un député ou d'un groupe de députés.

**Ingingo ya 160: Uburyo icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange kigezwa ku Mutwe w'Abadepite**

Icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange cy'umuturage gishyikirijwe Umutwe w'Abadepite, Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite kigezwa kuri Biro y'Umutwe w'Abadepite ikagishyikiriza Inama y'Abaperezida kugira ngo igisuzume kandi itegurire Inteko Rusange umwanzuro.

**UMUTWE WA X: AMATEGEKO AGENGA IMYITWARIRE Y'ABADEPITE**

**Ingingo ya 161: Imyitwarire y'Umudepite**

Umudepite agomba kuba inyangamugayo n'indakemwa, intangarugero mu kubahiriza amategeko kandi azirikana indahiro yakoze iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015.

**Ingingo ya 162: Ibikorwa bibujijwe Umudepite bibangamira ubwigenge mu nshingano ze**

Umudepite yirinda igikorwa cyose cyabangamira ubwigenge no kutabogama bye mu nshingano yo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma.

**Article 160: Procedure for submitting a public petition to the Chamber of Deputies**

A public petition submitted to the Chamber of Deputies, to a Deputy or to a group of Deputies is submitted to the Bureau of the Chamber of Deputies which, in turn, submits it to the Conference of Chairpersons for it to consider it and prepare recommendations for the Plenary Assembly.

**CHAPTER X: CODE OF CONDUCT OF DEPUTIES**

**Article 161: Conduct of a Deputy**

A Deputy must be a person of integrity and honest, exemplary in terms of respect for laws and must always bear in mind the need to abide by the oath of office he/she has taken as provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015.

**Article 162: Acts prohibited for a Deputy which compromise his/her independence in the performance of his/her duties of office**

A Deputy refrains from any act likely to compromise his/her independence and impartiality in the performance of the mission of oversight of the executive branch.

**Article 160 : Procédure de soumission d'une pétition publique à la Chambre de Députés**

Une pétition publique transmise à la Chambre des Députés, à un député ou à un groupe de députés est soumise au Bureau de la Chambre des Députés qui, à son tour, la soumet à la Conférence des présidents pour l'examiner et préparer des recommandations pour l'Assemblée plénière.

**CHAPITRE X : CODE DE CONDUITE DES DÉPUTÉS**

**Article 161: Conduite d'un député**

Un député doit être une personne intègre et honnête, exemplaire en termes de respect de la loi et doit toujours garder à l'esprit le serment qu'il a prêté tel que prévu par la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.

**Article 162 : Actes interdits au député qui compromettent l'indépendance dans l'exercice de ses fonctions**

Le député s'abstient de tout acte susceptible de compromettre son indépendance et son impartialité dans l'exercice de la mission de contrôle de l'action gouvernementale.

Ikigo cyangwa isosiyete Umudepite, uwo bashakanye cyangwa umwana we afitemo imigabane ahagarariye cyangwa abereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi ntigishobora gupiganira amasoko atangwa mu rwego rw'Umutwe w'Abadepite.

Umudepite ntiyemerewe kandi gupiganira amasoko ya Leta haba ku giti cye cyangwa binyuze ku kigo afitemo imigabane, kereka gusa mu masosiyete afite uburyozwe bugarukira ku migabane, ku ngwate cyangwa ku migabane no ku ngwate.

Umudepite ntiyemerewe kandi kugirana amasezerano ku giti cye n'igihugu cy'amahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga bifitanye Leta y'u Rwanda umubano ushingiyeye kuri diplomasi igihe cyose akiri umuyobozi.

Umudepite ntiyemerewe kugirana amasezerano ku giti cye n'Igihugu cy'amahanga, umuryango mvamahanga ndetse na sosiyete mpuzamahanga mu gihe cyose bene ayo masezerano ashobora kubangamira inyungu rusange z'igihugu ku nyungu z'Umuyobozi ku giti cye.

Umudepite yemerewe kuba umunyamuryango w'umuryango utari uwa Leta. icyakora, ntiyemerewe kuyobora umuryango utari uwa Leta keretse igihe uwo muryango ugizwe gusa n'abayobozi barebwa n'itegeko ngenga rigena

A corporation or a company of which a Deputy, his/her spouse or his/her child is a shareholder, a representative or a member of the Board of Directors, cannot be allowed to bid for public contracts put out to tender on behalf of the Chamber of Deputies.

A Deputy cannot also bid for public contracts, either individually or through a corporation of which he/she is a shareholder, except for the case of companies which are limited by shares, guarantee or by both shares and guarantee.

A Deputy cannot also individually enter into a commitment with a foreign country or an international organization having diplomatic relations with the Government of Rwanda as long as he /she still holds his/her senior office.

A Deputy is not allowed to individually enter into a commitment with a foreign country, an international organization or an international company as long as such a commitment is likely to prejudice the country's general interest for the benefit of personal interests of a senior official.

A Deputy can be a member of a non-governmental organization. However, he/she is not allowed to head a non-governmental organization except in the case where such an organization is solely composed of those leaders governed by the Organic Law on

Une entreprise ou une société dans laquelle un député, son conjoint, son enfant est actionnaire, représentant ou membre du Conseil d'administration ne peut pas soumissionner aux marchés publics lancés pour le compte de la Chambre des Députés.

Un député ne peut non plus, individuellement ou par le biais de l'entreprise dont il est actionnaire, soumissionner aux marchés publics à moins que ce soit dans le cas des sociétés à responsabilité limitée par actions, par garantie ou limitée à la fois par actions et par garantie.

Un député ne peut non plus individuellement conclure un engagement avec un pays étranger ou une organisation internationale qui entretient des relations diplomatiques avec l'État rwandais aussi longtemps qu'il occupe ses fonctions de cadre.

Un député ne peut, individuellement conclure un engagement avec un pays étranger, une organisation internationale et une société internationale pour autant que cet engagement soit susceptible de nuire à l'intérêt général du pays au profit des intérêts personnels d'un cadre supérieur.

Un député peut adhérer à une organisation non-gouvernementale. Toutefois, il ne peut pas diriger une organisation non-gouvernementale sauf au cas où les membres de cette dernière ne sont que ceux régis par la Loi organique portant code de conduite

imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta cyangwa se ari umwihariko wabo n'ubwo hakiyongeraho abandi bantu batarebwa n'itegeko ngenza rigena imyitwarire y'Abayobozi.

**Ingingo ya 163: Kumenyekanisha umutungo**

Umudepite amenyekanisha umutungo we ku Rwego rw'Umuvunyi mu nyandiko igaragaza umutungo nyakuri afite mu gihe cy'ukwezi atangiye imirimo ye buri mwaka bitarenze tariki ya 30 Kamena no mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) avuye mu murimo w'Ubudepite.

Icyakora, mu gihe Umudepite yongeye gutorerwa indi manda muri uwo mwaka cyangwa arangije manda mu mwaka yashyikirijemo Urwego rw'Umuvunyi inyandiko y'umutungo, nta yindi nyandiko akora.

**Ingingo ya 164: Kumenyekanisha inyungu**

Iyo hari Umudepite ubona ko afite inyungu bwite ku buryo bwihariye mu kibazo kigwa n'Umutwe w'Abadepite, haba muri Komisiyo cyangwa mu Nteko Rusange, Umudepite bireba agomba kubimenyesha Inteko Rusange cyangwa Komisiyo,

the leadership code of conduct or where such an organization is their particularity even if it may include other members who are not governed by the Organic Law on the leadership code of conduct.

**Article 163: Declaration of assets**

A Deputy submits to the Office of the Ombudsman his/her faithful declaration of assets in a period of one month after taking office, annually not later than June 30, and within fifteen (15) days of his/her leaving office as a Deputy.

However, where a Deputy is re-elected for another term of office or his/ her term of office comes to an end during the year in which he/ she has submitted to the Office of Ombudsman his/ her declaration of assets, he/she does not submit another declaration of assets.

**Article 164: Declaration of interest**

In case a Deputy has particularly a personal interest in the issue under consideration by the Chamber of Deputies, either in Committee or in the plenary sitting, he/she must notify the Plenary Assembly or the Committee thereof and can neither be given the floor nor have voting rights.

des autorités des institutions publiques ou lorsque cette organisation constitue leur particularité même si elle peut avoir comme membres d'autres personnes qui ne sont pas régies par la loi organique portant code de conduite des autorités des institutions publiques.

**Article 163 : Déclaration de biens et patrimoine**

Un député adresse à l'Office de l'Ombudsman la déclaration sur l'honneur de ses biens et patrimoine dans un délai d'un mois à compter de son entrée en fonction, chaque année au plus tard le 30 juin et endéans quinze (15) jours de la cessation de ses fonctions de député.

Toutefois, si un député est réélu pour un autre mandat au cours de cette même année ou termine son mandat au cours de l'année où il a adressé à l'Office de l'Ombudsman la déclaration sur l'honneur de ses biens et patrimoine, il ne fait aucune autre déclaration sur l'honneur de ses biens et patrimoine.

**Article 164 : Déclaration d'un intérêt**

Si un député constate qu'il a particulièrement un intérêt personnel dans une question sous examen par la Chambre des Députés, que ce soit en commission ou en séance plénière, il doit en informer l'Assemblée plénière ou la commission et

ntahabwa ijambo kandi ntatora mu ifatwa ry'ibyemezo.

**Ingingo ya 165: Imyambarire y'Abadepite mu Nteko Rusange**

Umudepite mu Nteko Rusange yambara mu buryo bumuhesha icyubahiro kandi bugihesha urwego arimo.

**UMUTWE WA XI: IMIKORANIRE Y'UMUTWE W'ABADEPITE NA SENA**

**Icyiciro cya mbere: Imirimo ihuza imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko**

**Ingingo ya 166: Inama zihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko**

Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ntishobora guteranira hamwe, keretse iyo hari ibibazo Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko biyitegeka gusuzumira hamwe, cyangwa iyo hari imihango y'Igihugu igomba kwitabira.

Iyo Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe ikibazo Imitwe yombi yateranye, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ni we uyobora inama, yaba adahari, ikayoborwa na Perezida wa Sena.

**Article 165: Dress code for Deputies in the plenary sitting**

While in the plenary sitting, a Deputy dresses appropriately in a manner which honours him/her and his/her institution.

**CHAPTER XI: RELATIONS BETWEEN THE CHAMBER OF DEPUTIES AND THE SENATE**

**Section One: Joint activities of both Chambers of Parliament**

**Article 166: Joint sittings of both Chambers of Parliament**

Both Chambers of Parliament cannot convene in joint sittings, except in matters in respect of which the Constitution or other laws require them to convene in a joint sitting or on the occasion of national ceremonies in which they must jointly participate.

When the Parliament deliberates with both Chambers convening in a joint sitting, the Speaker of the Chamber of Deputies or, in his/her absence, the President of the Senate presides over the sitting.

ne peut ni se voir accorder la parole ni avoir une voix délibérative.

**Article 165 : Code vestimentaire des députés en séance plénière**

Lorsqu'il est en séance plénière, un député s'habille convenablement d'une manière qui l'honore et honore son institution.

**CHAPITRE XI: RELATIONS ENTRE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS ET LE SÉNAT**

**Section première : Activités menées conjointement par les deux Chambres du Parlement**

**Article 166 : Séances communes des deux Chambres du Parlement**

Les deux Chambres du Parlement ne se réunissent en congrès qu'en cas des questions que la Constitution ou d'autres lois exigent d'être examinées conjointement, ou à l'occasion des cérémonies nationales nécessitant leur participation conjointe.

Lorsque le Parlement délibère les deux Chambres du Parlement réunies en congrès, la présidence de la séance est assurée par le Président de la Chambre



Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora kugena ibindi bibazo Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe.

**Ingingo ya 167: Gutumiza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko mu gihembwe kidasanzwe**

Inteko Ishinga Amategeko ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane (1/4) cy'abagize buri Mutwe.

Gahunda y'igihembwe kidasanzwe itegurwa na Biro z'Imitwe yombi ikemezwa n'Inteko Rusange ya buri Mutwe.

Ibaruwa itumiza igihembwe kidasanzwe ishyirwaho umukono na Perezida wa buri Mutwe.

The President of the Republic, after consultation with the Bureau of the Chamber of Deputies and the Supreme Court, may determine other matters to be considered by both Chambers of Parliament in a joint sitting.

**Article 167: Convening both Chambers of Parliament in an extraordinary session**

The Parliament can be convened in an extraordinary session after mutual consultation between the presiding officers of both Chambers of Parliament, at the request of the President of the Republic or that of a quarter (1/4) of the members of each Chamber.

The agenda of the extraordinary session is prepared by the Bureaus of both Chambers and adopted by the Plenary Assembly of each Chamber.

The convening notice for the extraordinary session is signed by the presiding officer of each Chamber.

des Députés ou, en son absence, par le Président du Sénat.

Le Président de la République, après avis du Bureau de la Chambre des Députés et de la Cour Suprême, peut déterminer d'autres matières devant être examinées par les deux Chambres du Parlement réunies en congrès.

**Article 167 : Convocation des deux Chambres du Parlement en session extraordinaire**

Le Parlement peut être convoqué en session extraordinaire après concertation mutuelle entre les présidents des deux Chambres du Parlement, sur demande du Président de la République ou d'un quart (1/4) des membres de chaque Chambre.

L'ordre du jour de la session extraordinaire est préparé par le Bureau des deux Chambres et adopté par l'Assemblée plénière de chaque Chambre.

La lettre de convocation de la session extraordinaire est signée par le président de chaque Chambre.

**Ingingo ya 168: Ifatwa ry'ibyemezo igihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe**

Iyo Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko yakoreye inama hamwe, hakurikizwa itegeko ngenga rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite.

Buri Mutwe ufata icyemezo ukwawo ukurikije itegeko ngenga rigena imikorere yawo.

Icyakora, iyo ari itora ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko y'Akarere cyangwa mpuzamahanga u Rwanda rurimo, iryo tora rikorwa mu ibanga kandi amajwi y'abahari akabarurirwa hamwe.

**Ingingo ya 169: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma**

Rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma. Abagize Inteko Ishinga Amategeko bashobora kubaza ibibazo cyangwa gutanga ibitekerezo ku bikorwa bya Guverinoma byasobanuwe na Minisitiri w'Intebe.

Umunsi wo kugeza ibikorwa bya Guverinoma ku Nteko Ishinga Amategeko wumvikanwaho na ba

**Article 168: Decision-making in case of a joint sitting of both Chambers of Parliament**

When both Chambers of Parliament are holding a joint sitting, the Organic Law determining the functioning of the Chamber of Deputies applies.

Each Chamber makes a decision separately in accordance with the Organic Law determining its functioning.

However, when it comes to electing members of a regional or international Parliament in which Rwanda has membership, the election is held by secret ballot and votes of members present are cumulatively counted together.

**Article 169: Informing the Parliament of Government action**

Once in a parliamentary session, the Prime Minister comes to Parliament, both Chambers meeting in a joint session, to inform the Parliament of Government action. Members of Parliament may ask questions or give their views on Government action presented by the Prime Minister.

The day of presenting Government action to the Parliament is agreed upon between the presiding

**Article 168 : Prise de décisions lorsque les deux Chambres du Parlement sont réunies en congrès**

Lorsque les deux Chambres du Parlement sont réunies en congrès, il est fait application de la loi organique portant fonctionnement de la Chambre des Députés.

Chaque Chambre prend une décision séparément conformément à loi organique déterminant son fonctionnement.

Toutefois, lorsqu'il s'agit d'une élection des membres du Parlement régional ou international dont le Rwanda est membre, le vote est secret et les voix des membres présents sont cumulativement comptées ensemble.

**Article 169 : Informer le Parlement de l'action du Gouvernement**

Une fois durant la session parlementaire, le Premier Ministre présente au Parlement, les deux Chambres réunies en congrès, l'action du Gouvernement. Les membres du Parlement peuvent poser des questions ou donner leurs points de vue sur l'action du Gouvernement exposée par le Premier Ministre.

Le jour de la présentation de l'action du Gouvernement au Parlement est convenu entre les

Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bakabimenyeshya Minisitiri w'Intebe nibura iminsi irindwi (7) mbere, iyo bishoboka.	officers of both Chambers of Parliament who inform the Prime Minister thereof at least seven (7) days before, if possible.	présidents des deux Chambres du Parlement qui en informent le Premier Ministre au moins sept (7) jours avant, si possible.
Iyo Minisitiri w'Intebe atabonetse, abimenyeshya mu nyandiko Inteko Ishinga Amategeko nibura umunsi umwe mbere y'umunsi wagenwe hakagenwa undi munsi.	If the Prime Minister is unavailable, he/she informs the Parliament in writing thereof at least one day before the previously expected day, then another date is set.	Lorsque le Premier Ministre n'est pas disponible, il en informe par écrit le Parlement au moins un jour avant la date antérieurement prévue pour fixer une autre date.
<b><u>Ingingo ya 170: Itorwa ry'ingengo y'imari ya Leta</u></b>	<b><u>Article 170: Adoption of the State finance bill</u></b>	<b><u>Article 170 : Vote de la loi des finances de l'État</u></b>
Buri mwaka w'ingengo y'imari ya Leta, Umutwe w'Abadepite utora itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.	Every financial year, the Chamber of Deputies adopts the State Finance Law.	Pour chaque exercice budgétaire, la Chambre des Députés vote la loi de finances de l'État.
Minisitiri ufite imari mu nshingano ze ategura kandi agashyikiriza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bitarenze itariki ya 30 Mata ya buri mwaka imbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.	The Minister in charge of finance prepares and submits to both chambers of Parliament not later than 30 <sup>th</sup> of April of each year the draft State finance bill.	Le ministre ayant les finances dans ses attributions prépare et soumet aux deux Chambres du Parlement l'avant-projet de loi des finances de l'État pas plus tard que le 30 avril de chaque année.
Imbanzirizamushinga y'itegeko rigenga ingengo y'imari ya Leta igomba kubanza kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri mbere y'uko ishyikirizwa Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.	The draft State finance bill must be adopted by the Cabinet meeting before it is submitted to both Chambers of Parliament.	L'avant-projet de loi des finances de l'État doit être adopté par le Conseil des Ministres avant sa soumission aux deux Chambres du Parlement.
Umutwe w'Abadepite uha Guverinoma ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.	The Chamber of Deputies provides the Government with its views on the draft State finance bill.	La Chambre des Députés donne des avis au Gouvernement sur l'avant-projet de loi des finances de l'État.

Ibyo bitekerezo bishyikirizwa Guverinoma bitarenze tariki ya 30 Gicurasi y'uwo mwaka w'ingengo y'imari.	Such views are submitted to the Government not later than 30 <sup>th</sup> of May for the relevant financial year.	Ces avis sont soumis au Gouvernement au plus tard le 30 mai de l'exercice budgétaire concerné.
Guverinoma ishyikiriza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira wongewemo ibitekerezo byatanzwe n'Inteko Ishinga Amategeko.	The Government submits to both Chambers of Parliament the State Finance Bill for the following financial year after incorporation therein of views provided by the Parliament.	Le Gouvernement soumet aux deux Chambres du Parlement le projet de loi des finances pour l'exercice budgétaire suivant après y avoir intégré les points de vue du Parlement.
Icyakora, gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta bikorwa n'Umutwe w'Abadepite.	However, the consideration of the merits of the State finance bill is carried out by the Chamber of Deputies.	Toutefois, l'opportunité du projet de loi des finances de l'État est examinée par la Chambre des Députés.
Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta.	Before the final adoption of the State budget, the Senate must provide the Chamber of Deputies with its opinion on the State finance bill.	Avant l'adoption définitive du budget de l'État, le Sénat doit soumettre à la Chambre des Députés son avis sur le projet de loi de finances de l'État.
Itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta rigena umutungo Leta izinjiza n'uzakoreshwa mu buryo buteganywa n'itegeko ngenga ryerekeye imari n'umutungo by'igihugu. Iryo tegeko ngenga rinagena umunsi ingengo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imari izasomwaho imbere y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.	The State finances law determines revenues and expenditures of the State in accordance with the conditions provided for by the Organic Law on State finance and property. Such an Organic Law also determines the date of delivery of the annual budget speech to both Chambers of Parliament.	La loi des finances de l'État détermine les ressources et les charges de l'État dans les conditions prévues par la loi organique relative aux finances et au patrimoine de l'État. Cette loi organique fixe également la date du discours de présentation du budget annuel aux deux Chambres du Parlement.

**Ingingo ya 171: Inyandiko ivunaguye n'inyandikomvugo z'inama yahuje Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko**

Inama zihuza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zikorera inyandiko zivunaguye n'inyandiko mvugo.

Inyandiko zivunaguye n'inyandiko mvugo z'inama y'Inteko Rusange y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zemezwa n'Inteko Rusange y'Umutwe wayoboye inama mu buryo n'igihe biteganywa mu itegeko ngenga rigena imikorere y'uwo Mutwe.

Perezida w'Umutwe wayoboye inama ashakiriza mu buryo bw'ikoranabuhanga inyandikomvugo y'inama yahuje Imitwe yombi Perezida w'undi Mutwe, nawe akayishyikiriza abagize Inteko Rusange y'Umutwe ayobora.

Umudepite cyangwa Umusenateri wifuza kugira icyo akosora ku nyandikomvugo abikora mu nyandiko ashakiriza Perezida w'Umutwe abarizwamo nawe akayishyikiriza Perezida w'Umutwe wayoboye inama.

**Article 171: Minutes and verbatim transcripts of joint sittings of both Chambers of Parliament**

Joint sittings of both Chambers of Parliament are subject to minutes and verbatim transcripts.

Minutes and verbatim transcripts of joint plenary sittings of both Chambers of Parliament are adopted by the Plenary Assembly of the Chamber having presided over the sitting in accordance with the conditions and time limits determined by the Organic Law determining the functioning of such a Chamber.

The presiding officer of the Chamber having presided over the plenary sitting submits by electronic means to the presiding officer of another Chamber minutes of the joint sitting of both Chambers who, in turn, submits them to members of the Plenary Assembly of the Chamber of which he/she serves as presiding officer.

A Deputy or a Senator wishing to make a correction to the verbatim report submits such a correction in writing to the presiding officer of the Chamber of which he/she is a member who, in turn, submits it to the presiding officer of the Chamber having presided over the sitting.

**Article 171 : Comptes rendus et procès-verbaux des séances des deux Chambres du Parlement réunies en congrès**

Les séances des deux Chambres du Parlement réunies en congrès font l'objet de comptes rendus et procès-verbaux.

Les comptes rendus et procès-verbaux des séances plénières des deux Chambres du Parlement réunies en congrès sont adoptés par l'Assemblée plénière de la Chambre ayant présidé la séance dans les conditions et délais déterminés par la loi organique déterminant le fonctionnement de cette Chambre.

Le président de la Chambre ayant présidé la séance transmet par voie électronique au président de l'autre Chambre le compte rendu de la séance conjointe des deux Chambres qui, à son tour, le soumet aux membres de l'Assemblée plénière de la Chambre dont il assure la présidence.

Un député ou un sénateur qui désire apporter une correction au procès-verbal soumet cette correction par écrit au Président de la Chambre dont il est membre qui, à son tour, la transmet au président de la Chambre ayant présidé la séance.

Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zemejwe n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba zishyirwaho umukono n'urwayoboye inama, Umunyamabanga Mukuru w'uwo Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko n'uwazanditse. Undi Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugenerwa kopi.

**Ingingo ya 172: Gushyikiriza Sena umushinga w'itegeko uri mu bubasha bwayo watowe n'Umutwe w'Abadepite**

Perezida w'Umutwe w'Abadepite yohereza Perezida wa Sena umushinga w'itegeko watowe n'Umutwe w'Abadepite uri mu bubasha bwa Sena uherekajwe n'isobanurampamvu ryawo hamwe n'inyandiko ivunaguye igaragaza uburyo wemejwe n'Umutwe w'Abadepite.

Igihe umushinga w'itegeko watangijwe n'Umudepite ugibwaho impaka muri Komisiyo ya Sena, Umutwe w'Abadepite, ubisabwe na Sena, wohera uwuhagarariye gusobanura uwo mushinga w'itegeko muri icyo Komisiyo.

Minutes and verbatim reports adopted by the Plenary Assembly of either Chamber of Parliament concerned are jointly signed by the person presiding over the sitting, the Clerk to the Chamber of Parliament concerned and the person having produced them. The other Chamber is given a copy thereof.

**Article 172: Submission to the Senate of a draft law or private member's bill falling within its competence after adoption thereof by the Chamber of Deputies**

The Speaker of the Chamber of Deputies sends to the President of the Senate the draft law or private member's bill adopted by the Chamber of Deputies which falls within the competence of the Senate accompanied by its explanatory note and minutes indicating how the draft law or private member's bill has been adopted by the Chamber of Deputies.

When considering a private member's bill in the Committee of the Senate, the Chamber of Deputies, at the Senate's request, delegates its representative to provide clarifications on the bill in that Committee.

Les comptes rendus et procès-verbaux adoptés par l'Assemblée plénière de l'une ou l'autre Chambre du Parlement concernée sont cosignés par le président de la séance, le Secrétaire général de la Chambre du Parlement concernée ainsi que par celui qui les a produits. L'autre Chambre du Parlement se voit réserver une copie.

**Article 172 : Transmission au Sénat d'un projet ou d'une proposition de loi relevant de sa compétence après son adoption par la Chambre des Députés**

Le Président de la Chambre des Députés envoie au Président du Sénat le projet ou proposition de loi adoptés par la Chambre des Députés relevant de la compétence du Sénat, accompagnés de leur exposés de motifs et de leur comptes rendus indiquant la manière dont ils ont été adoptés par la Chambre des Députés.

Pendant l'examen d'une proposition de loi dans une commission du Sénat, la Chambre des Députés, sur demande du Sénat, envoie un représentant à ladite commission en vue de donner des éclaircissements sur cette proposition dans cette commission.

**Ingingo ya 173: Gusuzuma ubugororangingo bwakozwe na Sena ku mushinga w'itegeko ryemejwe n'Umutwe w'Abadepite**

Iyo itegeko riri mu bubasha bwa Sena ryatowe n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite Sena ikarikorera ubugororangingo, ubwo bugororangingo bwakozwe bushyikirizwa Komisiyo yasuzumye uwo mushinga w'itegeko, igakorerera Inteko Rusange raporo.

Iyo itegeko ryatowe ritanyuze muri Komisiyo, bugororangingo bwakozwe na Sena bushyikirizwa Komisiyo ifite uwo mushinga mu nshingano.

**Ingingo ya 174: Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko**

Iyo umushinga w'itegeko utemewe na Sena cyangwa iyo ubugororangingo Sena yawukozeho butemewe n'Umutwe w'Abadepite, hashyirwaho Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, igizwe n'Abadepite batanu (5) n'Abasenateri batanu (5), igatanga umwanzuro ku ngingo zikomeje kugibwaho impaka.

**Article 173: Consideration of amendments made by the Senate to a draft law or private member's bill adopted by the Chamber of Deputies**

When a law falling within the competence of the Senate is adopted by the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies and the Senate makes amendments thereto, such amendments are submitted to the Committee having considered the draft law or private member's bill and the Committee makes a report for the Plenary Assembly.

When the law was adopted without going through the Committee, the amendments made by the Senate are submitted to the Committee whose responsibilities cover such a draft law or private member's bill.

**Article 174: Joint Committee of Parliament**

When the Senate does not adopt a draft law or private member's bill or if amendments made thereto by the Senate are not approved by the Chamber of Deputies, a joint Committee composed of five (5) Deputies and five (5) Senators is established for it to propose a recommendation on the provisions which remain the subject of a disagreement.

**Article 173 : Examen des amendements apportés par le Sénat au projet ou proposition de loi adoptés par la Chambre des Députés**

Lorsqu'une loi relevant de la compétence du Sénat est adoptée par l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés et que le Sénat y apporte des amendements, ces derniers sont soumis à la commission ayant examiné ce projet de loi qui fait rapport destiné à l'Assemblée plénière.

Lorsque la loi a été adoptée sans passer par la commission, les amendements apportés par le Sénat sont soumis à la commission dont les attributions couvrent ce projet ou cette proposition de loi.

**Article 174: Commission paritaire du Parlement**

Lorsque le Sénat n'adopte pas un projet ou une proposition de loi ou lorsque les amendements du Sénat ne sont pas approuvés par la Chambre des Députés, il est constitué une commission paritaire composée de cinq (5) députés et de cinq (5) sénateurs, pour proposer une recommandation sur les dispositions faisant l'objet d'un désaccord persistant.

Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora kandi gushyirwaho, byemejwe n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize buri mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, kugira ngo ifate umwanzuro ku kindi kibazo kigaragaye mu itegeko ryatowe n'Imitwe yombi igihe cyose ritaroherezwa gutangazwa.

Perezida w'Umutwe w'abadebite ashyikiriza amazina y'Abadebite Perezida wa Sena n'impamvu igaragaza ibyashingiweho n'Umutwe w'Abadebite mu kutemera umwanzuro wa Sena.

Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), ashyikirijwe ayo mazina, Perezida wa Sena amenyeshya Perezida w'Umutwe w'Abadebite amazina y'Abasenateri batanu (5) bagize Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi.

Inama ya mbere ya Komisiyo Ihuriweho n'Imitwe yombi itumizwa mu nyandiko ku bwumvikane hagati y'Abayobozi b'amatsinda. Muri iyo nama abagize Komisiyo ihuriweho n'imitwe yombi bitoramo uyiyo bora n'umwungirije.

A joint Committee of Parliament may also be established, if approved by the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament by a three-fifth (3/5) majority vote of its members, to decide on any other matter identified in the law adopted by both Chambers of Parliament so long as the law has yet to be transmitted for promulgation.

The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to the President of the Senate names of Deputies and states the reasons having prompted the Chamber of Deputies to reject the resolution of the Senate.

Within seven (7) days of receipt of such names, the President of the Senate notify the Speaker of the Chamber of Deputies of the names of five (5) Senators to sit on the joint Committee.

The first meeting of the joint Committee is convened in writing after mutual consultation between the heads of groups. During that meeting, members of the joint Committee elect from among their number a chairperson and a deputy chairperson.

Une commission paritaire du Parlement peut également être mise en place, après approbation par l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement à la majorité des trois cinquièmes (3/5) de ses membres, pour statuer sur tout autre problème constaté dans une loi déjà adoptée par les deux Chambres aussi longtemps que cette loi n'est pas encore soumise pour promulgation.

Le Président de la Chambre des Députés soumet au Président du Sénat les noms des députés et indique les raisons ayant motivé le refus par la Chambre des Députés d'adopter la résolution du Sénat.

Dans les sept (7) jours suivant la réception de ces noms, le Président du Sénat notifie au Président de la Chambre des Députés les noms de cinq (5) sénateurs membres de la commission paritaire.

La première réunion de la commission paritaire est convoquée par écrit après concertation mutuelle entre les responsables des groupes. Au cours de cette réunion, les membres de la commission paritaire élisent en leur sein un président et un vice-président.



**Ingingo ya 175: Raporo ya Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi**

Raporo ikubiyemo imyanzuro yumvikanyweho na Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi yoherezwa buri Mutwe, igatorwa nta bundi bugororangingo.

Mu gihe Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi itumvikanye kuri uwo mwanzuro cyangwa iyo umwanzuro utemewe n'iyi mitwe cyangwa udatowe n'umwe muri iyi Mitwe umushinga w'itegeko usubizwa uwawuzanye.

